Icyizere

Ikinyamakuru cya Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside (CNLG) N°16, Mutarama 2012

Inama ya kabiri yo gutegura kwibuka ku nshuro ya 18 Jenoside yakorewe Abatutsi ibaye insanganyamatsiko yaramaze kwemezwa.

Abari mu nama bunguranye ibitekerezo ku buryo bwo kunononsora imihango yo kwibuka ku nshuro ya 18 Jenoside yakorewe Abatutsi

Inama ya Kabiri yo gutegura kwibuka ku nshuro ya 18 yabereye ku cyicaro cya Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside (CNLG) ku itariki ya 26 Mutarama 2012, ihuza abakoze b'iyo Komisiyo n'abahagarariye inzego zinyuranye zisanzwe zifatanya na CNLG gutera igikorwa cyo kwibuka. Abari muri iyo nama ikurikira iya mbere yari yabaye mu kwezi kwa cyenda umwaka ushize, bamenyeshejwe insanganyamatsiko y'uyu mwaka ariyo « Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi : « Twigire ku mateka, twubaka ejo hazaza ».

Mme Tuyisenge Christine, Visi Perezida wa CNLG yafunguye inama aha ikaze abayitabiriye bari bahagarariye inzego zitandukanye zirebwa cyane n'igikorwa cyo kwibuka, barimo Hon. Depite Byabarumwanzi François, uyobora Komisiyo, mu Mutwe w'Abadepite, y'ubumwe bw'Abanyarwanda, uburenganzira bwa muntu no kurwanya Jenoside. Nyuma yo gusoma no kwemeza inyandiko mvugo y'inama ya mbere yari yanafatiwemo imyanzuro inyuranye, abari mu nama bunguranye ibitekerezo ku buryo bwo kunonosora ukwibuka ku nshuro ya 18.

Inyandikomvugo y'inama imaze kwemezwa abari mu nama basubiye ku myanzuro yari yafashwe mu nama ya mbere, hagenda hasuzumwa uburyo izashyirwa mu bikorwa. Ku bijyanye no kwibuka muri za minisiteri n'ibigo, byagaragaye ibyinshi bitibuka, hifujwe ko hajyaho muri ibyo bigo amatsinda(task forces), ategura ukwibuka. Bigakorwa hakiri kare, ku buryo hakandikwa amazina y'abazize Jenoside bakoraga muri ibyo bigo, hakandikwa n'amateka agaragaza uko Jenoside yateguwe muri

komeza ku rup. 4

IBINDI BIRIMO

N'abo hanze bifuza guhabwa ibiganiro na CNLG urup2

Ubuyobozi bwa Serena n'abahagarariye inzego za Leta bacoca ikibazo.....urup5

Bamwe mu bari bitabiriye umuhango wo gutangiza Gakwavu Foundation.....Urup9

Kimwe mu bikorwa amashyirahamwe y'abacitse ku icumu yitabira ni ubuhinzi bw'inanasi.....Urup.12

Ijambo ry'Ibanze

Impinduka mu myumvire y'ibihugu

Impera z'umwaka wa 2011, n'intangiriro z'umwaka wa 2012, URwanda rwabonye akanunu k'impinduka mu myumvire y'umuryango w'ibihugu(communauté internationale) ku byerekeye ireme ry'ubutabera butangwa n'igihugu cy'uRwanda. Abanyarwanda bari basanzwe bamenyereye ko iyo uRwanda rusabye Urukiko mpuzamahanga mpanabyaha rwashyiriweho uRwanda rukorera Arusha(TPIR-ICTR), cyangwa ibihugu kurwohererezа abakekwaho ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi kugirango babazwe ibyo bakoze, igisubizo, kidahinduka, kiba icyo kuvuga ngo mu Rwanda nta butabera babona baramutse bahoherejwe.

Urwitwazo rwabanje kuba ko mu mategeko ahana y'uRwanda harimo igihano cy'urupfu, ariko n'aho icyo gihano gikuriwe mu mategeko y'uRwanda muri Nyakanga 2007 ntibyahise bihinduka. Urukiko mpuzamahanga mpanabyaha rwashyiriweho uRwanda, kuva muri 2007, rwakomeje kutemera ko bamwe mu bakekwaho icyaha cya Jenoside bari bafungiye Arusha baburanira mu Rwanda, cyangwa baburanishwa n'inkiko zo mu Rwanda, nk'uko byasabwaga n'ubushinjacyaha bwa TPIR kuva mu myaka ya za 2002.

Kuva igihano cy'urupfu gikuwe mu bihano bigaragara mu gitabo cy'amategeko ahana, kugeza ejo bundi hafatwa icyemezo ko Pasiteri Uwinkindi yoherezwa mu Rwanda, abacamanza ba TPIR(kuko urukiko arirwo rwagombaga kubifataho icyemezo) bazibiraga buri gihe icyo kifuzo cy'ubushinjacyaha bwa TPIR cyo kohereza abakekwaho ibyaha mu Rwanda. Nyuma y'uko igihano cy'urupfu gicibwa, bavugaga ko ubutabera bwo mu Rwanda butizewe.

Kuva rero Urukiko mpuzamahanga rufashe icyo cyemezo cyo kohereza Pasiteri Uwinkindi mu Rwanda, umuntu yavuga ko yabaye imbarutso nziza. Igihugu cya Canada, cyari kimaze imyaka myinshi gicumbikiye Mugesera Léon, kandi ibyaha yakoreye uRwanda cyarabigaragarijwe cyari kitamwohereje mu Rwanda. None ubu byarabaye.

Umuntu ntiyaba yibeshye rero avuze ko icyemezo cya TPIR cyo kohereza bamwe mu bakekwaho icyaha cya Jenoside, kizagira ingaruka nziza no ku bindi bihugu bigicumbikiye abanyarwanda bacyekwaho kuba baragize uruhare muri Jenoside kandi basabwe n'ubushinjacyaha bw'uRwanda, kuko nabyo, bishobora kuzakurikiza urugero rw'urukiko mpuzamahanga n' urw'igihugu cya Canada.

Nyuma y'Icyo cyizere ibihugu nka Canada, Leta zunze Ubumwe za Amerika, Norvège… byagiriye ubutabera bw'uRwanda, umuntu yakwizera ko n'andi mahanga azakurikira, abahekuye uRwanda, igihugu baba barimo icyo aricyo cyose, bakoherezwa ino, bakaburanishwa n'inkiko z'aho bakoreye ibyaha.

Iyo mpinduka mu myumvire y'ibihugu irakwiye, kugira ngo isoza ry'imirimo rya TPIR ntirizabe isozwa ryo gukurikirana abakoze icyaha cya Jenoside, dore ko kenshi ibihugu bidafite ubushake bwo kohererezа URwanda abo banyabyaha, usanga ari nabyo bidafite ubushake bwo kubageza imbere y'inkiko z'iwabo. Kenshi hakitwazwa ko nta tegeko ribaha uburenganzira bwo guhana ibyo byaha, kandi kurishyiraho biri mu bushobozi bwabo. Kuko icyaha cya Jenoside ntikiba kireba igihugu kimwe, kireba ibihugu byose.

Antoine Rwagahirima.

Icyizere

P.O Box 7035 KIGALI
Toll Free: 3560
E-mail : cnlg@rwanda1.com

Abanyarwanda baba mu mahanga biyemeje guhangana n'ikibazo cy'umubare wiyongera w'abahakana Jenoside

Abanyarwanda baba mu mahanga bagiranye ibiganiro na CNLG

Ibyo babigaragarije mu nama bagiranye n'abakozi ba Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside ubwo basuraga CNLG ku itariki ya 3/ 1/2012.

Itsinda ry'abo banyarwanda baba mu mahanga bari bayobowe na Bwana Slvestre Matata, Visi Perezida w'urunana rw'abanyarwanda baba mu mahanga: RDN: Rwanda Diaspora Global Network. Muri urwo ruzinduko, bahanye amakuru ku bikorwa mu rwego rwo kurwanya Jenoside, no guhangana n'abakomeje gupfobya no guhakana Jenoside yakorewe Abatutsi, Bunguranye ibitekerezo n'abakozi ba Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside, ku buryo bwiza bwo kurwanya Jenoside, n'abayihakana mu bihugu bitandukanye batuyemo. Bwana Matata yavuze ko abanyarwanda baba mu mahanga bakeneye kumenya igikorwa mu Rwanda mu rwego rwo kurwanya ipfobya n'ihakana rya Jenoside yakorewe Abatutsi, kugira ngo bibatize imbaraga mu kurwanya abayihakana bakanayipfobya mu bihugu batuyemo. Akomeza avuga ko byaba byiza Leta ishyizeho inzibutso zihoraho zigaragariza amateka y'ibyabaye mu gihe cya jenoside yakorewe abatutsi, nkuko bikorwa ku bijyanye na Jenoside yakorewe Abayahudi, kuko hari benshi muri iki gihe bashyira imbaraga mu kugoreka amateka yaranze Jenoside. Umwe mu banyarwanda baba muri Malawi, akaba na Komiseri muri ruriya runana rw'abanyarwanda baba mu mahanga, Bwana Déo Kabera yasabye ko Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside yatangira "campagne" mu bihugu by'amajyepfo y'Afurika bituyemo abanyarwanda benshi barimo n'abagize uruhare muri Jenoside, bagahabwa amakuru nyayo, akosora ayo bahabwa n'abo bagize uruhare mu bwicanyi bakomeje no guhakana Jenoside yakorewe Abatutsi.

Bwana Mucyo Jean de Dieu, yavuze ko CNLG izakomeza « campagne » yo gukangurira abantu bose muri ibyo bihugu, kwifatanya nk'abanyarwanda, mu rwego rwo kwibuka ku nshuro ya 18 Jenoside yakorewe Abatutsi.

A.R

ICYIZERE ni ikinyamakuru cya
Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside

Umwanditsi Mukuru:
Gaspard Gasasira

Umwanditsi Mukuru Wungirije:
Antoine Rwagahirima

Ushinzwe Maquette:
Kanzayire Gertrude

Inama y'ubwanditsi:

Bideri Diogène,
Gasasira Gaspard,
Kanzayire Gertrude,
Karengera Ildephonse,
Ndahigwa J.Louis,
Rutagengwa Philibert,
Ruzindaza Jean,
Rwagahirima Antoine,
Urujeni Solange.

ITANGAZO

Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside irakangurira Ibigo bya Leta, Ibigo bitegamiye kuri Leta, Ibigo by'Abihayimana n'Imiryango Mpuzamahanga ikorera mu Rwanda, kujya byibuka abari abakozi babo bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994.

Ni uburyo bwo kubasubiza icyubahiro bambuwe.

Ubwanditsi

Imibiri idashyinguye neza mu Karere ka Kirehe na Ngoma ikeneye kwimurirwa mu nzibutso

Abafite ababo bashyinguye mu nzibutso zisanzwe za Jenoside(iz'igitaka) twaganiriye, bose nta kibazo bafite kijyanye n'uko iyo mibiri yakwimurwa. Iyo uhageze barakubaza ngo abantu bacu muzabimura ryari ko aho bari hagayitse.

Hamwe mu hari imibiri idashyinguye neza, muri Ngoma na Kirehe

Nashatse kumenya icyo ubuyobozi bw'Akarere buteganya kuri iki kibazo cy'inzibutso zitameze neza bambwira ko bakizi kandi ko kuba kitarakemuka nabo bibababaza, ko ikibazo atari ukubimura ahubwo ari aho kubajyana, ko barimo gushakisha amikoro kugira ngo batunganye aho kubajyana.

Mu rwego rwo kugira ngo hasigare inzibutso zibasha kwitabwaho mu Karere ka Ngoma mbona hasigara urwibutso rwa Rukumberi ruzubakwa ku rwego rw'Akarere, kimwe n'inzibutso rusange zikurikira: Rukira, Kibungo (ku bitaro), Mutenderi(kuri paroisse), Zaza(kuri petit séminaire), Remera (ku Murenge). Abakwimurwa bajyanwa i Kibungo cyangwa i Rukumberi kuko ariho haboneka umwanya wo gushyinguramo, ahandi hose hazitiye ku buryo ubona ntabandi bakwiye kuhazanwa.

Ku ikubitiro hakwimurwa abari mu nzibutso z'igitaka, n'izindi ziri ahantu hatameze neza, urugero nka Gahondo(Kazo), Nyamagana(Remera), Musamvu, Gatonde(Kibungo) Nyange-Rusave)... bigakorwa vuba hashoboka kugira ngo imibiri itazangirika kugeza ubwo tutabona iyo twimura .

Biteguye kwimura imibiri ikiri mu bisambu, mu turere twa Ngoma na Kirehe.

Imibiri yabonetse

Uretse iyo mibiri tuvuga ko idashyinguye neza, Ngoma habonetse indiimibiri 3, umwe mu murenge wa Rukumberi n'ibiri murenge wa Zaza. Kirehe habonetse imibiri 9, ibiri mu murenge wa Mpanga, umwe Kigina n'itandatu i Nyarubuye. Muri aka karere hakomeje gushakishwa imibiri aho ikekwa hose.

Gahongayire Jeanne Claudine
CNLG/Ngoma-Kirehe

Inama ya kabiri yo gutegura kwibuka ku nshuro ya 18 Jenoside yakorewe Abatutsi ibaye insanganyamatsiko yaramaze kwemezwa

Ibikurikira urup 1

izo nzego. Ibyo bisaba ko hatangwa amatangazo hakiri kare kugira ngo abazi abakoraga muri izo Minisiteri cyangwa ibyo bigo babimenyekanishe bidatinze. Uko ayo matsinda akenewe muri izo nzego za Leta, ni nako akenewe no mu mahuriro y'abanyarwanda baba hanze, kugira ngo igikorwa cyo kwibuka kizategurwe kigende neza no hanze y'igihugu. Kandi na raporo z'icyo gikorwa zigezwe kuri CNLG.

Basabwe gusangira ibitekerezo ku biganiro bahabwa

Ibigo kandi byibutse bisabwa ko byasura abacitse ku icumu batishoboye bikabafasha, bishobotse bikabaha inka zo kubafasha kwikura mu bukene, cyangwa bigafasha mu gusana inzibutso za Jenoside. Bamwe mu bari mu nama bifuje ko ubufasha bwatangwa muri kiriya gihe cyo kwibuka cyanibanda no mu gusana amazu y'abacitse ku icumu batishoboye.

Ku bigendanye n'ibiganiro bitangwa, bamwe mu bari bahari batanze inama ko ibiganiro bitangwa byaba ibiganiro bihamagarira ababyitabiriye kubigiramo uruhare babitangamo ibitekerezo, kugira ngo ibiganiro bihuzwe n'insanganyamatsiko ifatiye ku mateka.

Muri ibyo biganiro inzego zisanzwe zibigiramo uruhare nka Sena n'Umutwe w'Abadepite zizakomeza kubigira mo uruhare, ariko hakenerwa n'umusanzu w'inzego zifite abakozi bakuru baba barashinzwe intara cyangwa Akarere aka n'aka kugira ngo basabwe gutanga ibiganiro. Urugero rwatanzwe ni nk'Abaminisitiri cyangwa abakomiseri ba Komisiyo y'igihugu y'uburenganzira bwa Muntu, baba bafite aho bashinzwe.

Kuri ibi byerekeye ibiganiro, hari abanyarwanda baba mu mahanga basabye ko Komisiyo y'igihugu yabateganyiriza ibiganiro. Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside yagaragaje ko bizakorwa mu bushobozi buhari, asaba ko inzego nka Sena n'Umutwe w'abadepite bishobotse wafasha mu gutanga abatanga ibiganiro hanze, kandi bagakora no ku ngengo y'imari yabo, kuko ingengo y'imari ya CNLG itihagije ku gikorwa nk'icyo.

Ikibazo cyafashe umwanya abari mu nama ni icyo kumenya uko hanonosorwa ibyo kwita ku bantu baba bitabiriye imihango yo kwibuka bakagira intege nke, bakagira ikibazo cy'ihungabana, kubera ubuhamya bubabaje baba bumvise cyangwa na filime ku byabaye muri Jenoside baba bareba.

Kubyerekeye Filime hafashwe ingamba z'uko amagambo ari muri filime izerekanwa ku munsi wo gutangira icyunamo azabanza gusuzumwa.

Abari mu nama basuzumye kandi uko ubufasha bwatanzwe umwaka ushize, ku bagize ikibazo cy'ihungabana.Bifuje ko uyu mwaka gahunda y'uburyo abahuguwe bakoreshwa mu gihugu hose, yategurwa na MINISANTE.

Abo bahuguwe barimo aba Ibuka, AVEGA n'indi miryango, abanyeshuri babihuguriwe muri za Kaminuza nka INATEK, ababihuguriwe mu ngabo z'igihugu na Police, muri Komisiyo yo gusubiza mu buzima busanzwe ingabo zahoze ku rugerero n'ahandi….

Abari mu nama bemeje ko Minisiteri y'ubuzima yabarura abantu bose bahawe ubumenyi bwo gufasha abagize ikibazo cy'ihungabana, igakora gahunda ifatika y'uburyo bazakoreshwa mu gihugu hose. Iyo gahunda akaba ariyo yagenderwaho, ariko hakazabanza inama iyo Minisiteri yatumiza ihuza izo nzego zose zifite abantu bahuguwe, kugira ngo bose bazamenyekane, bakoreshwe muri icyo gikorwa, inenge yagaragaye ubushize ikosorwe.

Umunyamabanga nshingwa bikorwa wa CNLG, yagaragaje ko abantu bakwiye gutekereza uburyo bwiza bwo kwibuka, ntihabeho ikintu cyo kuvuga ngo imyaka ishize byagenze gutya. Yatanze urugero nko kwibuka ukageza i saa munani z'ijoro kenshi biba bigaragaza ko ibintu biteguwe neza. Ibi byo kwibuka abantu bakageza mu masaha akuze yo mu gicuku, no mu nama yabanje byari byanenzwe, cyane nk'iyo byabereye mu bigo by'amashuri byonona gahunda y'amasomo, kuko abana barara ijoro rimwe na rimwe buba buri bucye bajya mu masomo.

Muri iyi nama havugiwemo n'ikibazo kijyanye no kwibuka mu bigo by'abihayimana, aho ubuyobozi bw'ibyo bigo bwaba butemerera ababikira cyangwa abafurere barokotse Jenoside kujya kwifatanya n'abandi mu mihango yo kwibuka ababo bazize Jenoside.

Umwe mu bihayimana Padiri Dominiko Karekezi, umuyobozi wa INATEK wari muri iyo nama yavuze ko abapadiri n'ibigo by'abihayimana nabyo bikeneye kwegerwa na Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya Jenoside, bagahabwa ibiganiro bibakangurira gahunda zo kwibuka, cyangwa bagatumirwa no mu nama bakumvikana no ku bindi bibazo, nk'ikibazo cyo kumenya icyakorwa iyo umunsi wa Pasika uhurirana cyangwa ukaba wegereye umunsi w'intangiriro y'icyunamo.

Mbere yo gusoza inama, abari bayirimo bagaragarijwe inyito z'ibiganiro 13 bizatangwa hirya no hino mu Midugudu, mu gihe cy'icyunamo, ibiganiro bijyanye n'insanganyamatsiko yatoranyijwe, kugira ngo byemezwe bishyikirizwe hakiri kare inzego zizabitegura. (Urutonde rw'ibyo biganiro murarusoma ku rup 16).

Mbere yo gusoza inama Umunyamabanga Nshingwabikorwa yasabye abari mu nama kugira iryabo itangazo basomewe ryateguwe na CNLG rijyanye n'ihagarikwa rya Léon Mugesera, washishikarije abanyarwanda kwica Abatutsi mu mwaka w'1992 (reba itangazo ku rup 8).

Iyi nama ntibaye iya nyuma kuko inzego zari zahagarariwe mu nama zizongera guhura mu mpera z'uku kwezi banonosora imyiteguro.

Antoine Rwagahirima.

Bamwe mu bitabiriye inama nyunguranabitekerezo ku kwibuka ku nshuro ya 18 Jenoside yakorewe Abatutsi

Ikibazo cy'imibiri y'abazize Jenoside ikivugwa muri Hoteli Serena Rubavu cyafatiwe imyanzuro n'inzego zibishinzwe.

Ku itariki ya 17 na 18 z'ukwezi kwa Mutarama 2012 mu Karere ka Rubavu hateraniye inama yahuje inzego zinyuranye harimo abahagarariye Komisiyo y' Igihugu yo kurwanya Jenoside, ubuyobozi bwa Hotel Serena-Gesenyi, Ubuyobozi bw' Akarere ka Rubavu, Ibuka, ubuyobozi bw'Ingabo, Ubuyobozi bwa Police n'Ubuyobozi bw'Ubushinjacyaha mu Karere ka Rubavu. Icyaganiriwe ni gahunda y'ukuntu hajya hibukwa Abatutsi bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi baguye muri hoteli Serena Gisenyi (former Hotel Merdien Izuba), uburyo hashakishwa amakuru agaragaza ahakiri imibiri muri iyo hoteli, kugira ngo ikurwemo ishyingurwe mu cyubahiro, kimwe no gushyira "plaque" ahakuwe imibiri 12.

Ubuyobozi bwa Serena n'abahagarariye inzegoza Leta bacoca ikibazo

Uwari uhagarariye Ibuka muri iyi nama Bwana Kabanda Innocent yatangiye atanga ubuhamya bugufi bujyanye n'iyicwa ry'Abatutsi bahungiye muri iyi hoteli, n'ubwabayikoragamo.

Yemeje koko ko abahaguye kugeza ubu imibiri yabo itaraboneka yose, ngo ishyingurwe mu cyubahiro. Bakaba bamwe bari abakozi baho bari kumwe n' imiryango yabo abandi ari abahaje bakeka kuhabona uwabarengera ariko bakaza kwicwa, ku cyicaro cy' iyi hotel, n'umutwe w'abicanyi witwaga "Escadron de la mort"waje uherekeje guverinoma y' Abatabazi.Kabanda yakomeje avuga amazina y'abantu bamwe acyeka ko baba bafite amakuru nyayo y'aho iyo mibiri itaraboneka ihererereye ngo ishyingurwe mu cyubahiro. Aha abari mu nama bemeje ko ubuyobozi bw'Akarere, Police, Hoteli, na parike, bagiye gukurikirana aba bantu, bakazerekana aho iyo mibiri yaba ihererereye muri Hotel Serena, cyane ko abenshi ari abahakoraga kandi ababazi, bagiye bavuga aho bakorera ubu. Uwari uhagarariye CNLG Bwana GATABAZI Claver yabwiye abitabiriye inama akamaro ko kwibuka no gushyingura mu cyubahiro imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi, asaba ubuyobozi bwa "Hoteli Serena ko iki kibazo bwakigira icyabwo, bagafatanya n'ubuyobozi bw'Akarere ndetse n'izindi nzego zikorera mu Karere gukemura iki kibazo cy'imibiri ivugwa muri iyi hoteli. Yasabye ko bashyiraho umunsi wo kwibuka abiciwe muri iyi hoteli ndetse bagashyira na plaque (ahakuwe imibiri 12) iriho amazina n'amafoto, nk'ibindi bigo byasobanukiwe akamaro n'agaciro ko kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda. Abari bahagarariye ubuyobozi bwa Hoteli Serena, General Manager Kennedy Were w'Umunyakenya, na Security Manager Geofrey w'umunyarwanda, bagaragaje ko igikorwa cyo kwibuka abazize Jenoside yakorewe Abatutsi bagitegerejeho byinshi, kuko abakora muri iyi hoteli serena, benshi mu bakiri bato, bazarushaho kumenya amateka y' igihugu cyabo, ati tugomba kwemera gufatanya n'izindi nzego za Leta n'izigenga kugira ngo twubahirize ibiganiriweho byose.

Inzego zari zihagarariwe mu gucoca ikibazo ni : CNLG, Hoteli Serena, Akarere ka Rubavu, Ibuka, Ubuyobozi bw'Ingabo, Ubuyobozi bwa Police, ubuyobozi bw'Ubushinjacyaha mu Karere ka Rubavu.

Imyanzuro y'inama

-Ubuyobozi bw'Akarere, ingabo, police na Parique bemeye gufatanya na Serena hotel gushakisha abo batangabuhamya kugira ngo iki gikorwa gihangayikishije inzego zose kihutishwe imibiri n'iba ikirimo ikurwemo ishyingurwe mu cyubahiro.CNLG yasabye ubuyobozi bwa SERENA HOTEL-Rubavu ko yashyiraho gahunda y'umunsi wo kujya yibuka inzirakarengane z'Abatutsi biciwe muri Hotel serena mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi, gushyira plaque iriho amateka, amazina, n'amafoto ahakuwe imibiri 12 yabazize Jenoside mu 1994. Ubuyobozi bwa Serena bwemeye kuzabikora byose ariko Akarere ka kabafasha kubitegura.

-Ubuyobozi bw'Akarere bwa bwiye abitabiriye inama ko bugiye kwihutisha ikigikorwa kikarangira kuko hari n'ibindi bikenewe gukorwa kandi bukazaha CNLG raporo ariko bwavuze ko CNLG nayo yajya imanuka igafasha kurangiza ibibazo nkibi kuko iba icyenewe cyane mu bibazo nkibi kugira ngo birangire.

Gatabazi Claver

Abarokotse jenoside bo mu murenge wa Cyanika mu karere ka Nyamagabe barashimangira umunsi ku munsi icyizere gihamye cyo kongera kubaho neza

Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 mu Rwanda yahitanye n'ibyari imitungo yabo yose uhereye ku mazu, amatungo maremare n'amagufi, mbese icyari kibungabunze imibereho yabo ya buri munsi. Ingaruka mbi kuri bo rero zabaye ko ku ikubitiro abatari bake muri aba bacitse ku icumu bashoboraga gutakaza icyizere cyo kongera kubaho neza. Ibi ariko Leta y'ubumwe bw'abanyarwanda ntiyabirebereye yihutiye gushyiraho ingamba zafasha kugarura iki cyizere cyo kubaho kuri aba banyarwanda bari bamaze gushegeshwa na jenoside. Muri izi ngamba harimo kubafasha kwibumbira mu mashyirahamwe cyangwa amakoperative bagahabwa inkunga z'amafaranga maze bagakora udushinga duciriritse tubaha inyungu.

Byari n'uburyo bwo gutuma aba bacitse ku icumu rya jenoside bashobora guhura bakayaga,bagahumurizanya kandi bagakorera hamwe bunganirana buri wese mu ntege afite.Ubu bufasha rero bwaratanzwe no mu murenge wa Cyanika ho mu Karere ka Nyamagabe.

Umurenge wa Cyanika ni umwe mu mirenge 17 ibumbye akarere ka Nyamagabe. Uyu murenge wakorewemo Jenoside ku buryo hishwe abatutsi barenga ibihumbi makumyabiri na bitanu (25.000) na n'ubu hagitegurwa uburyo bwo kubashyingura mu cyubahiro bambuwe kuko bari bakiri mu mva rusange(ibyobo byubakiwe bashyiraho sima cyangwa amabuye hejuru no ku mpande).

Muri iyi gahunda rero ya Leta yo gufasha abacitse ku icumu yafatanyije n'imiryango yashoboraga kubaba hafi, ibafasha no gushyira mu bikorwa udushinga twatewe inkunga. Muri yo harimo Unity club, PAM,Ikigega cya Leta gifasha abacitse ku icumu batishoboye(FARG),umuryango nyir'izina w'abacitse ku icumu IBUKA n'imiryango iwushamikiyeho nka AVEGA ,AOCM (Association des orphelins chefs de Ménage).

Mu rwego rwo kumenya uko iyi miryango yafashije aba bacitse ku icumu, twegereye ubuyobozi bw'umurenge wa Cyanika ndetse n'inzego z'abacitse ku icumu muri uyu Murenge batubwira icyo inkunga bagiye bahabwa mu mashyirahamwe ibamariye.

Ubuyobozi bw'umurenge mu izina ry'Umunyamabanga Nshingwabikorwa wawo Bwana Ndorimana J.Chrisostome, arashima abantu n'inzego zitandukanye zakomeje gutera inkunga abaturage b'umurenge wa Cyanika muri rusange n'abacitse ku icumu by'umwihariko. Ku ikubitiro hari Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME afatanyije na Unity Club. Abacitse ku icumu babonye ku nka zatanzwe mu mudugudu ntangarugero wa Birambo ahamaze gutangwa inka 50 ku miryango 50 kuri 88 ihatuye. Ariko abasigaye batarazibona bakaba aribo batahiwe.Izi nka zatanzwe ku bufatanye bwa Unity Club na PAM. Ishyirahamwe GIRA UBUKIRE MUNYARWANDA ryubakiwe ikiraro kandi rihabwa inka 10 za kijyambere zikaba zimeze neza. Hatanzwe kandi muri uyu mudugudu ihene n'ingurube.

Abana bibana mu miryango bagera kuri 60, abahungu 29 n'abakobwa 31 bahujwe n'umuryango AOCM(Association des Orphelins Chef de Ménage) nabo bateweinkunga mumushinga w'ubworozi bw'inkoko 200 ku nkunga ya FARG.Uhagarariye iri tsinda ry'aba bana, BIKOMEZA Cassien, adutangariza ko bafite icyizere ko uyu mushinga uzagenda neza, ngo n'ibikorwa bimaze kugerwaho muri wo binoze :inzu izororerwamo yamaze gutunganywa none ubu bakaba bitegura kuzana inkoko n'ibyo zikenera byose ; iri tsinda ryatewe inkunga y'amafaranga y'u Rwanda 2.244.500 na MINALOC.

Hari n'irindi shyirahamwe ryitwa ICYIZERE GROUP ryatewe inkunga y'amafaranga y'u Rwanda 3.500.000 yatanzwe na FARG.Aya mafaranga akazashyirwa mu mushinga w'ubworozi bw'ihene. Avuga kuri uyu mushinga, umunyamabanga Nshingwabikorwa w'umurenge wa Cyanika, Bwana Ndorimana J.Chrisostome, yatangaje ko amafaranga y'uyu mushinga yamaze kugera kuri konti y'umurenge ariko akaba atarashyikirizwa ba nyir'umushinga bitewe n'uko iri tsinda ryasabwe kubanza kunoza urutonde rw'abarigize mu rwego rwo kurifasha guhinduka koperative ; abanyamuryango bari 6 none ngo bongeyemo abandi 4.

Mu mushinga watewe inkunga na AVEGA, wo ngo wagenze nabi nk'uko twabitangarijwe na Madamu MUKAKARISA Aurelie,Perezidante w'AVEGA muri uyu murenge. Ishyirahamwe ABAVANDIMWE ryari ryarahawe amafaranga y'u Rwanda 1.800.000 yashyizwe mu mushinga w'ubworozi bw'ingurube ariko uza guhomba, ubu ntukiriho. Uyu muyobozi asobanura ko ngo ingurube zagiye zipfa buhoro buhoro zirashira ; ikindi ariko avuga ngo cyateye ugupfa k'uyu mushinga ngo ni uko bawukoreraga mu nzu bakodeshaga bityo amafaranga agakoreshwa atagaruka.

Nk'uko kandi twabitangarijwe na Bwana KANAMUGIRE Venuste, Perezida wa IBUKA mu murenge wa Cyanika, ngo asanga impamvu iterambere ry'amashyirahamwe n'amakoperative y'abacitse ku icumu ricumbagira ari uko bakigendana n'ibibazo byinshi bijyanye n'uburwayi bandujwe mu gihe cya jenoside kwivuza bikabagora, amacumbi ashaje kuyasana bikaba bisaba ubushobozi batanafite. Ibi rero ngo bikaba bigira ingaruka mbi ku micungire y'inkunga bahabwa mu mashirahamwe n'amakoperative yabo.

Ikigaragarira usuye abacitse ku icumu bo mu murenge wa Cyanika ni uko bamaze kwigaruramo icyizere cy'ejo heza hazaza cyane ko Leta ndetse n'abandi bagiraneza babari hafi bakanabatera inkunga mu mishinga icyiriritse ibyara inyungu. Bakeneye ariko gukomeza kwigishwa gukorera mu makoperative kuko usanga mu mashyirahamwe bahuzakurika bikanabagiraho ingaruka zitari nke mu micungire y'inkunga baba bahawe. Gusa rero ngo « uwaguhaye niwe uguha »kandi « kwigisha ni uguhozaho », ni abo gukomeza kubaba hafi kugir ango batazava aho basubira inyuma. Bahabwe inkunga ariko banahugurirwa imikorere y'amakoperative kuko ariyo abyazwamo inyungu ifatika.

Umukozi wa CNLG mu Karere ka Nyamagabe & Nyaruguru

NKOMEZAMIHIGO Alphonse



Bose siko bafite amacumbi nk'aha i Munyege. Kimwe mu bituma amashyirahamwe y'abacitse ku icumu acumbagira, ni ukutagira amacumbi.

Abacitse ku icumu bafite uburwayi bukomeye bwakomotse kuri Jenoside barabaruwe

Kuva mu kwezi kwa cumi umwaka ushize, Minisiteri y'ubuzima, ifatanyije n'abafatanyabikorwa bayo, yatangiye igikorwa cyo kubarura abacitse ku icumu bafite indwara zikomeye, hagamijwe kugira ngo bahabwe ubuvuzi busumbye ubwo bahabwaga. Mu Mpera z'ukuboza 2011, Minisiteri y'ubuzima yashyize ahagaragara by'agateganyo ibyavuye muri iryo barura. Icyo gikorwa kikaba cyarabereye ku cyicaro cy'Ikigega gishinzwe gufasha abacitse ku icumu rya Jenoside batishoboye, gifite mu nshingano kuvuza abacitse ku icumu rya Jenoside.

Icyo gikorwa cyo kubarura abacitse ku icumu rya Jenoside bafite uburwayi bukomeye, cyakozwe n'abantu 328, bafite ubumenyi butandukanye, abahanga mu bumenyi bwo mu mutwe, (psycghologues en santé mentale), abaforomo, n'abaganga. Muri buri karere k'ubuzima, hoherezwaga abantu babiri umuganga umwe n'umuforomo umwe, begeranya imibare y'abacitse ku icumu bafite inkovu z'ibikomere ku mubiri zidakira(chéloides) , n'abandi batandatu bashinzwe gushaka imibare y'abacitse ku icumu bafite uburwayi bwo mu mutwe(Ihamamuka rikomeye, igicuri n'izindi). Icyo gikorwa cyanakorewe mu bitaro by'ikitegererezo(Hôpitaux de réference), no mu bitaro byitwa iby'Uturere.

Indwara zikomeye abakoze ubushakashatsi basanganye bamwe mu bacitse ku icumu rya Jenoside ni indwara zo mu mutwe zirimo nk'igicuri, uguhahamuka gukomeye n'izindi, kimwe n'inkovu z'ibikomere ku mubiri zidakira(inkovu zikura cyangwa zibabaza cyane ba nyirazo).

Imibare y'abo bacitse ku icumu bafite indwara zikomeye, n'andi makuru ajyanye n'uburwayi bwabo imaze kuboneka byashyikirijweikigok'igihugu cy'ibarurishamibare(INSR) gifite inshingano mu kwmemeza ubuzirangenge mu byerekeye "statistiques" zose igihugu gisohora.

Imibare yagaragajwe n'icyo gikorwa cy'ubushakashatsi cyakorewe mu Ntara zose z'igihugu, yerekanye ko mu Rwanda abacitse ku icumu bafite indwara zikomeye zo mu mutwe basigiwe na Jenoside ari 15.831 barimo ab'igitsina gabo 3383 n'ab'igitsina gore 12.448, naho abafite inkovu zidakira z'ibikomere bakomerekejwe muri Jenoside ni 2737, muri bo ab'igitsina gore akaba ari 62,4 ku ijana.

Mme Yvonne Kayiteshonga, wo muri Minisiteri y'Ubuzima ukurikiranira hafi uburwayi bukomeye bwa bamwe mu bacitse ku icumu.

Bwana Theophile Ruberangeyo, Umuyobozi wa FARG. FARG niyo izatanga amafaranga yo kuvuza abagaragajwe n'ipererezа.

Abenshi muri abo bacitse ku icumu bafite indwara zikomeye zo mu mutwe babarizwa mu Ntara y'Amajyepfo, kandi benshi bakaba biganje mu Turere twa Huye, ifite abarwayi 1335, Rusizi ifite abarwayi 1024, Nyamagabe (861) Ngoma (846) na Gisagara (806). Naho ku barwayi bafite inkovu zidakira z'ibikomere bakomerekejwe muri Jenoside, abenshi bagaragaye mu Karere ka Nyaruguru ifite abarwayi (306), Gatsibo(238), na Karongi(211).

Iyo ugiye kureba imyaka abo barwayi bafite ubu usanga abenshi bafite hagati y'imyaka 41na 60. Ni ukuvuga abari bafite imyaka hagati ya 24 na 43 mu gihe Jenoside yakorwaga.

Kuba mu babaruwe bafite indwara zikomeye zo mu mutwe bakomoye muri Jenoside, abagera kuri 42,7 ku ijana badafite akazi, abokoze buriya bushakashatsi bemeza ko ari ikimenyetso cy'uko ahanini buriya burwayi budatuma bagira akazi bakora.

N'ubwo bariya barwayi hafi ya bose bafite ubwishingizi bw'ubuzima(abenshi bafite ubwisungane mu kwivuza-mutuelle de santé, abandi bari muri RAMA, MMI, MEDIPLAN n'izindi),benshi muri bo bemeza ko badahabwa ubuvuzi bukwiye.

Nko ku bantu 5538 barwaye indwara zo mu mutwe bemera ko bahawe ubuvuzi, 35 ku ijana mur ibo ni abemeza ko badahabwa ubuvuzi bukwiye. Naho mu bafite inkovu zidakira z'ibikomere bakomoye kuri Jenoside bangana na 2.737, abemeza ko badahabwa ubuvuzi bukwiye ni 34 ku ijana.

Abo batishimira ubuvuzi bahabwa bifuza ko bavurirwa mu bitaro by'akarere, mu bitaro bya Kaminuza cyangwa mu Bitaro by'umwami Faïcal aho kwivuriza ku bigo nderabuzima.

Ubu bushakashatsi buzafasha ubuyobozi bw'ikigega gishinzwe gufasha abacitse ku icumu batishoboye(FARG) gufata ingamba zatuma abafite indwara zikomeye badafite "mutuelle de santé" bayihabwa, kubakurikirana no kubavuriza mu mavuriro abifitiye ubushobozi ukurikije indwara ya buri wese.

Antoine Rwagahirima

Umuryango GAKWAVU FOUNDATION watangijwe ku mugaragaro

Ku wa gatandatu tariki ya 29 Mutarama 2012 mu cyumba cy'inama cya Centre d'Accueil de St François d'Assise i Kigali habereye ibirori byo gutangiza Umuryango GAKWAVU FOUNDATION ugamije gushima, kwibuka no gukomeza ibikorwa by'indashyikirwa Nyakwigendera GAKWAVU Charles n'abo bari kumwe mu gutabara abana b'imfubyi bari barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu w'i 1994 mu cyahoze ari Perefegitura ya Cyangugu.

Umuhango wo gutangiza Gakwavu Foundation wabimburiwe na Misa.

Nyuma y'igitambo cya misa, abitabiriye ibyo birori bahuriye mu cyumba cy'inama, aho bakoze umusangiro banunguranaibitekerezo ku bwitange bwagaragajwe muri icyo gihe gikomeye cya nyuma ya Jenoside mu gutabara no gufasha abana b'imfubyi bari bamaze kugirwa "Mpinga ya Nta gahinguka ". Icyo gihe abana bari mu kigero cyo kuva ku mezi atandatu kugera ku myaka cumi n'ibiri bose nta n'umwe wariusigaranyen'umuntu n'umwe wo mu muryango we wamwitaho.

Abo bana bakimara gukurwa mu nkambi ya Nyarushishi bimuriwe I Kamembe mu Kigo cy'amashuri yisumbuye cyizwi ku izina rya APPEEDUC aho bageragezaga guhabwa ubufasha bw'amarenzamunsi n'umuryango utegamiye kuri Leta witwaga MEDECINS DU MONDE.

Imibereho y'abo bana muri icyo kigo yari iteye agahinda: Barimokwicwa n'inzara, gukumbagara hasi ku butaka nk'inka zitagira nyirazo n'ibindi.

Icyari giteye impungenge kurusha ibindi byose cyari ikibazo cy'umutekano wabo kuko icyari Cyangugu cyari muri "Zone turquoise" yari yarashyizweho n'ingabo z'Abafaransa muri ibyo bihe.

Batewe ibisasu incuro ebyiri bikomeretsa abana dore ko interahamwe n'ingabo zatsinzwe bari hakurya y'ikiyaga cya Kivu aho bambukaga baje gushaka gukomeza umugambi mubisha wo gutsemba ababaciye mu rihumye.

Yasize umuryango we I Kigali, yemera kuza kubo atabyaye bari mu kaga

Byaje kuba ngombwa ko umugabo w'umunyampuhwe witwa GAKWAVU Charles waje atashye avuye mu gihugu cy'Uburundi ariko akaba yarakomokaga i Cyangugu yiyemeza gutangira ibikorwa byo kugoboka abo bana byagaragaraga ko bari mu kaga. Kuba yari asanganywe umubano n'Abayezuwiti (Jésuites), byatumye abasaba uburenganzira bwo kwimurira abo bana mu

komeza ku rup. 9

Itangazo rigenewe Abanyamakuru

Mugesera Léon

Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside, n'abafatanyabikorwa bayo, bishimiye ko Mugesera Léon yageze mu Rwanda. Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside ifatanyije n'abafatanyabikorwa bayo, yishimiye icyemezo cya Leta ya Kanada, cyo Kuzana Mugesera Léon mu Rwanda, kugira ngo ubutabera bw'uRwanda bumuburanishe ku byaha akekwaho byo gushishikariza abantu gukora Jenoside.

Amahanga akomeje kwerekana ko icyaha cya Jenoside ari icyaha gikomeye, ko nta gihugu na kimwe gishobora gucumbikira abahekuye uRwanda. Ibi birerekana ko icyaha cya Jenoside kidasaza, ko uwakoze Jenoside wese, aho yakwihisha hose, agomba kumva ko agomba kujya imbere y'ubutabera akabazwa ibyo yakoze.

Kuzana Mugesera Léon mu Rwanda ni ubutumwa bukomeye, ku bahakana Jenoside yakorewe Abatutsi. Abapfobya n'abahakana Jenoside bakunze kuvuga ko Jenoside yakorewe Abatutsi itateguwe. Kuba rero ijambo Mugesera yavuze mu mwaka w'1992 arikimwemubyo URwanda ndetse na Leta ya Kanada byashingiyeho kugira ngo bimukurikiraneho icyaha cya Jenoside, ni ikimenyetso ko Jenoside yakorewe Abatutsi yateguwe, ko umugambi wo gukora Jenoside ari wabayeho.

Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside n'abafatanyabikorwa bayo bakaba bizeye ko n'ibindi bihugu bizaboneraho bigakurikirana abakekwaho Jenoside, bakazanwa mu Rwanda.

Ikindi n'uko amahanga akomeje gufata ingamba zikomeye, mu guhana abahakana Jenoside, bityo Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside n'abafatanyabikorwa bayo, bakaba bizeye ko n'abahakana Jenoside yakorewe Abatutsi, bazahanwa n'ayo mategeko.

Bikorewe I Kigali, kuwa 26 Mutarama 2012

Umuryango GAKWAVU FOUNDATION watangijwe ku mugaragaro

Ibikurikira urup 8

kigo cy'abo bihayimana kuko cyari cyarasigiwe abazamu bakirinda abapadiri bacyo bamaze guhunga.

Muri icyo kigo ni ho abana b'imfubyi batangiye kuva ku nzira y'umusaraba bariho. Bwana Gakwavu Charles yatangiye gukora ingendo hirya no hino akomanga kuri buri muryango w'abagiraneza, asabira abana imfashanyo yatuma babaho ntibicwe n'imbeho n'inzara, atitaye ku muryango we bwite dore ko abana n'umufasha we yari yabasize i Kigali yiyemeza kubana n'izo mfubyi.

Abana baje kugira umutekano babikesha ingabo za RPF-INKOTANYI zabarindaga kuko nta mucengezi wongeye kuza kubateraho ibisasu. Icyo gihe Bwana GAKWAVU yaje kunganirwa n'ababikira ba Mutagatifu Fransisko w'Asizi babisabwe n'abapadiri b'aba "Jésuites", dore ko na bo bari bamaze kuvana Padiri KAREKEZI i Nairobi muri KENYA bamuzanye i Cyangugu muri icyo gikorwa cyo gufasha abo bana. Aba bagabo bombi, GAKWAVU na KAREKEZI bafatanyije kuvugurura no kubaka aho abana bagombaga kuba ku buryo bujyanye no kubaha uburenganzira bwa muntu.

Igihe n'imburagihe basimburanaga mu ngendo Cyangugu-Kigali aho bakoreshaga amasaha arenga umunani kubera "barrières" nyinshi bacagaho muri uwo muhanda zishinzwe kubungabunga umutekano muri icyo gihe, bajya gushakira abana inkunga zabafasha kubaho.

Icyagaragaye ni uko imibereho y'abana yagiye ihinduka myiza umunsi ku wundi bigera n'aho bagurirwa inka zibakamirwa kuko bamwe muri bo bari batarageza igihe cyo kurya bakeneye amata cyane ko batigeze bamenya igituza cy'ababyeyi.

Bavuye muri icyo kigo bajya kurererwa mu miryango yabakiriye

Mu mwaka w'i 2000, hashingiwe kuri gahunda ya Leta ko buri mwana akwiye kugira umuryango arererwamo, ikigo cya «CENA» cyohereje abana mu miryango itandukanye yabakiriye mu rwego rwo gukomeza uburere bwabo, abandi bamaze kwigira ejuru bashinze iyabo miryango y'abana bibana,nuko ikigo cyabahuzaga gisubirana gahunda yacyo yo kurereramo abitegura kwiyegurira Imana. Ibyo byatumye abana batatana n'ubwo abo bihaye Imana (Aba Jésuites n'Ababikira ba Mutagatifu Fransisko w'Asizi) bageragezaga gukomeza gukurikirana uburere bwabo nyuma y'urupfu rwa GAKWAVU Charles.

Bamwe mu bari bitabiriye umuhango wo gutangiza Gakwavu Foundation

Mu muhango nyirizina wo gushyira ahagaragara igitekerezo cyo gushyiraho GAKWAVU FOUNDATION, aya mateka yavuzwe haruguru yagarutsweho, ari ababyeyi ari n'abana bari bitabiriye icyo gikorwa bishimiye intambwe bamaze gutera kuko abari abana icyo gihe bamwe bamaze kuba ababyeyi bakaba barashinze ingo baranibarutse. Abandi kandi batari bake barangije Kaminuza, abandi baracyari mu mashuri yisumbuye n'ay'imyuga, abandi niba "Rwiyemezamirimo" bafasha na bagenzi babo mu buzima busanzwe.

Misa yabimburiye itangiza rya Gakwavu Foundation yitabiriwe n'abihayimana benshi.

Mu gusoza, hagaragajwe Komite y'Agateganyo y'uwo muryango ari na yo ishinzwe gutegura amategeko yawo azemezwa mu nama rusange itaha. Baboneyeho no gutanga impano z'ishimwe ku bantu bagize uruhare rukomeye mu burere bwabo ndetse bamwe muri bo bagenera impano bagenzi babo barangije icyiciro cya kabiri cya Kaminuza muri uyu mwaka.

Banze guheranwa n'amateka, bahagurukira kubaka amateka mazima ari nako bubaka igihugu cyababyaye bakiganisha ejo hazaza heza. ngaho rero ni mucyo twigire ku mateka, twubake ejo hazaza.

NSHIMYUMUKIZA Michel
Umusomyi w'ICYIZERE

Kwiteza imbere ntibihera ku mitungo ni mu mutwe

Ibi biravugwa na bamwe mu bacitse ku icumu rya jenoside yakorewe abatutsi batuye mu Karere ka Ngoma nyuma yo kureba aho bavuye n'aho bageze. Iyo bashubije amaso inyuma bakareba ibyo bamaze kugeraho bibatera guhamya ko kugira ngo umuntu yiteze imbere bitamusabakubaatunze ibya mirenge ahubwo bisaba kubitekerezaho ukumva ko aho uri hatagushimishije, ugomba guharanira kugera ahashimishije, kandi ukagira uruhare mu kuhikura.

Mu matsinda ahari abenshi bagiye batangira babitewe no kubona birirwa bateze ubufasha ahandi cyangwa se ku bandi kandi bafite imitwe itekereza neza. Bararebye basanga nta mpamvu yo gutegereza akimuhana, basanga bagomba kwiyubaka bakoresheje ibitekerezo byabo, bakoresheje n'amasambu yabo.

Batangiye biremamo amatsinda y'abantu cumi na batanu. Bagahinga mu masambu yabo imyaka itandukany: amatunda, amapapayi, inanasi, imboga zitandukanye, urutoki... Hari n'itsinda rigura imyaka. Aya matsinda agizwe n'abapfakazibibumbiye mu muryango AVEGA hakabamo na bake b'imfubyi zirera.

Ayo matsinda hari Abizeranye bo mu murenge wa Kazo, Duhozanye na Tuzamurane wo mu murenge wa Gashanda, Twubakane ryo mu murenge wa Mugesera. Aya matsinda ageze ku rwego rushimishije ku buryo abana babo batabura amatike abajyana ku ishuri cyangwa ibikoresho. Muri bose nta numwe wishyurirwa ubwisungane mu buvuzi, ngo niyo hagize ugira ikindi kibazo mu banyamuryango barahura bakareba uburyo cyakemuka.

Aya matsinda yose aherutse guterwa inkunga n'ikigega cya leta gitera inkunga abacitse ku icumu batishoboye(FARG) mu rwego rwo kugirango bagure ibikorwa byabo kukobabasuyebagasanga bafite aho bigejeje kandi heza .

Amatsinda 2 agiye kwagura ibikorwa byabo by'ubuhinzi bw'inanasi, irindi igikorwa cy'ubworozi bw'inzuki, irya gatatu ku byo ryari risanzwe rikora rigiye gutangira igikorwa cy'ubworozi bw'inkoko.

Naganiriye na Mukarugwiza Brigitte uhagarariye AVEGA mu Murenge wa Kazo akaba ari nawe uhagarariye itsinda Abizeranye rifite abanyamuryango bageze kuri 18, ambwira ko bageze ahantu hashimishije kuko nyuma yo kuba barabashije kwikemurira utubazo twavuzwe haruguru,ubu batangiye ikimina kitwa Dusasirane. Umunyamuryango ugezweho abazwa icyo akeneye kijyanye n'ubushobozi bifitemo hanyuma bakakimugurira.

Ntibagitekereza ubworozi bw'inka gusa, barashakira no mu bw'inzuki.

Ibi byose babigezeho ku nyungu babaga babonye ku musaruro w'amashu, karoti, imiteja, amashaza ndetse n'ubunyobwa.Iri tsinda riri muyo FARG yateye inkuga. Bahawe miliyoni 4 n'ibihumbi 770 yo gutangira igikorwa cy'ubworozi bw'inkoko.

Ku kibazo cyo kumenya icyo bateganya gukora nyuma yo kongererwa ubushobozi, yambwiye ko bazongera abanyamuryango, kandi bakazatangira n'igikorwa cyo gusana amazu y'abanyamuryango atangiye kwangirika. Ibi bikazakorwa hakurikijwe izangiritse kurusha izindi.

Namubajije niba abanyamuryango ba AVEGA Kazo bose bashobora kuzakwirwa muri iryo tsinda ambwira ko hari irindi tsinda ryitwa Duhozanye rigura imyaka.

Hari na KOPAI, Koperative y'abahinzi b'imbuto, imboga n'indabo, nayo ubona ko bafitegahundayogukora. Ni abanyamuryango 14 batangiye buri muntu atanga amafaranga ibihumbi 80. Bahinga imusozi amasambu y'abanyamuryango no mu gishanga aho bahawe na leta. Iyo urebye barakiyubaka, iyo bahinze babona bunguka ariko babona inyungu ikiri nke bitewe naho bashaka kugera.

Batangiye igikorwa cyo gukora divayi ikozwe mu mbuto bahinga ndetse n'ibitoki kuko babona kugurisha nta nyongera gaciro('transformtion") baba bahenzwe. Barebye ibisabwa kugira ngo babone ubuziranenge babona ari byinshi. Ariko bagira ikibazo ko babyuzuza batazi ko divayi yabo izemerwa. Icyemezo bari bafite bari baragihawe na ISAR, none RBS ntibyemera, ku buryo ubu nta produit yabo iri ku isoko.

Ibikorwa nk'ibi by'amatsinda y'abacitse ku icumu bigaragaza ko hari benshi muri bo biyemeje kudaheranwa n'ubukene ngo bakomeze kubarirwa mu batishoboye bakeneye ubufasha. Bagakoresha ubwenge n'amaboko yabo Imana ikibatije.

Jeanne Claudine Gasengayire

Amashyirahamwe y'abacitse ku icumu muri Rulindo na Gicumbi yigejeje kuri byinshi.

Uturere twa Rulindo na Gicumbi ni uturere duherereye mu ntara y'amajyaruguru y'uRwanda, zimwe mu ntego utwo turere dufite harimo kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside, no kwita ku bibazo by'abacitse ku icumu rya jenocide babafasha kwihangira imirimo ndetse no kwibumbira mu mashyirahamwe kugira ngo babashe kwikura mu bwigunge ndetse no mu bukene.
Twashoboye kumenya imikorere y'amashyirahamwe afite ibikorwa bifatika agizwe n'abacitse ku icumu rya jenoside ari mu karere ka Gicumbi.
Ibikorwa by'ayo mashyirahamwe y'abacitse ku icumu.

Amashyirahamwe afite ibikorwa bifatika ni ayo mu mirenge itatu, Umurenge wa Ruvune, Muko na Mutete. Twasesenguye imikorere ya buri shyirahamwe uko ryatangiye aho rigeze ndetse n'imbogamizi rifite kugira ngo rirusheho gutera imbere.

Ishyirahamwe rya KOTIRU ni ishyirahamwe rikorera mu murenge wa Ruvune, ryatangiye mu mwaka wa 2008,rikaba rikora Ubuhinzi, ishyirahamwe rigizwe n'abacitse ku icumu bose ariko abitabira ibikorwa by'ishyiramwe barenga mirongo itanu(50). Mu mikorere yabo bakora iminsi ibiri mu cyumweru ariyo: ku wa kabiri no kuwa kane. Bahinga bitewe na sizeni ibyo bejeje babigemurira Ibigo by'amashuri.

Imbogamizi bafite ni uko muri iyi sizeni bahinze ibirayi ariko bikaba bitarera kugira ngo bagemurire ibigo by'amashuri. Ikibazo bafite n'uko batabona inkunga yo kwagura ibikorwa
IshyirahamweTUJYEMBERE ni ishyirahamwe rikora ubudozi ndetse no kuboha, rikorera mu murenge wa Muko rikaba ryaratangiye mu mwaka wa 2009. Rigizwe n'impfubyi n'Abapfakazi ba Jenocide bagera kuri cumi na batandatu.

Iryo shyirahamwe ryatewe inkunga na AVEGA, PADSEC . Mu nkunga batewe harimo amamashini adoda kandi bahabwa n'inyigisho z'uburyo akoreshwa, bakaba badoda imipira, furari ndetse no kuboha uduseke,imitemeri, inigi n'ibindi. Ikirenze kuri ibyo bafite imyenda y'Abageni ikodeshwa, harimo amakanzu, imikenyero ndetse n'ingofero.
Bageze ku rugero rushimishije kuko bafite ibyo baboshye ,badoze byinshi ariko bakaba bafite ikibazo cy'uko ntaho bafite ho gukorera.
Abacitse ku icumu bafite ibibazo bikomeye bakeneye gufashwa
Mubo twashoboye kugeraho dukurikije twarondoye amazina yabo, aho baba, ndetse n'ibibazo bafite, hakaba hari abo mu karere ka Rulindo ndetse n'abandi bo mu karere ka Gicumbi.

MUKANKUBANA Donatira na MUKAMANA Francine batuye mu karere ka Rulindo,Umurenge wa Ntarabana, Akagari ka Kiyanza, Umudugudu wa Nyarurama, aba bakaba barahohotewe muri Jenoside bikaba byarabaviriyemo ubumuga bukomeye, bakaba bavurirwa CHUK(i Kigali). Ariko ikibazo bafite nta mafaranga yo kubafasha mu rugendo bafite kuko usanga bakenera kujya kwa mu ganga inshuro zirenga eshanu mu kwezi, bakaba bifuza ko bajya bahabwa ubufasha kugira ngo babashe gukurikirana gahunda ya muganga kuko ngo n'amafaranga y'ingoboka babona adahagije kugira ngo abafashe muri izo ngendo.

UWIMANA Antoine
Atuye mu murenge wa kageyo,mu karere ka Gicumbi, yavutse 1951. Uyu mugabo yapfushije umugore amusigira abana babiri nyuma aza gushaka undi nawe ubu bafitanye abana babiri. Bose hamwe afite abana bane(4). Mu kiganiro twagiranye nawe yatubwiye ibibazo afite abiterwa n'igituntu cyo mu magufa yigeze kurwara incuro ebyiri(2) hanyuma bimuviramo ubumuga ku buryo ntacyo ashobora gukora kuko n'ubu akivurwa. Akaba asaba gufashwa bihoraho kuko umugore we nawe yarwaye bwaki kubera imirire mibi.

MUKAMAZIMANA Anonciata
Atuye mu murenge wa Ruvune, Akagari ka Kabare, Umudugudu wa Murehe, Akarere ka Gicumbi, yavutse 1962, akaba ari incike, afite ikibazo cy'uburwayi buhoraho kuko yarahohotewe muri Jenoside. Muri ubwo burwayi bwe akaba atumba inda cyane. Avurirwa ku kigo nderabuzima gusa, ariko yifuza kujyanwa kuvurirwa CHUK(ikigali) kuko yunva ko hari icyo byamufasha abonye abaganga b'inzobere. Yifuza ko inzego zibishinzwe zamufasha kubona iyo" transfert".
Icyo umuntu yakwifuza n'uko abacitse ku icumu bafite uburwayi bukomeye babona uburyo bwo kuvuzwa neza, kugira bagire ubuzima butuma babasha kwiteza imbere no kwivana mu bukene.

Uwamahoro Pascasie.
Umukozi wa CNLG /Akarere ka RULINDO na Gicumbi

NDLR: Magingo aya Minisiteri y'ubuzima, ifatanyije n'izindi nzego basanzwe bakorana yabaruye abacitse ku icumu bafite u burwayi bukomeye, hagamijywe gushaka uko FARG yabafasha kubona ubuvuzi bwisumbuye kubwo bari basanzwe babona.

Pasiteri Uwinkindi Jean Bosco azaburanishwa n'inkiko zo mu Rwanda



Pasiteri Uwinkindi

Ku itariki ya 16 Mutarama 2012, Umwanditsi Mukuru w'Urukiko mpuzamahanga mpanabyaha rwashyiriweho uRwanda yashyikirije Umushinjacyaha Mukuru, Martin Ngoga amadosiye y'urubanza rwa Pasiteri Uwinkindi. Uyu mugabo wari umupasiteri w'umupantekoti mu yahoze ari Perefegitura ya Kigali Ngari mbere ya 94, yari yafatiwe mu gihugu cya Ouganda mu mwaka wa 2010 ahita ashyikirizwa urukiko mpuzamahanga I Arusha muri Tanzaniya, aregwa ibyaha bya Jenoside. Ukuboza Nyuma y'aho Urukiko rwa Arusha rufatiye icyemezo tariki ya 17 Ukuboza cyo kohereza Pasiteri Uwinkindi imbere y'ubutabera bw'uRwanda, Abaye uwa mbere abacamanza b'urukiko mpuzamahanga bemeye ko yaza kuburanira mu Rwanda.

Kugez'icyo gihe Urukiko mpuzamahanga mpanabyaha rwashyiriweho uRwanda rwari rwaranze gufata icyemezo cyo kohereza mu Rwanda abantu bafungiye ku rukiko mpuzamahanga, kugira ngo inkiko zo mu Rwanda abe arizo zibaburanisha, dore ko mu Rwanda ariho ibyaha bashinjwa byakorewe. Abacamanza ba TPIR bitwazaga kuvuga ko ngo baje mu Rwanda batagira amahirwe yo gucibwa urubanza rw'intambera.

Iki cyemezo cy'abacamanza ba TPIR kigaragaje ko noneho abacamanza ba TPIR bemera ko ibyangombwa byose bihari byo kugira ngo inkiko zo mu Rwanda zice urubanza rw'Intabera. Bivugwa ariko ko Urukiko Gacaca rw'aho yari atuye i Nyamata rwari rwaramuciriye urubanza adahari. Bikumvikana ko ari urubanza rwazasubukurwa kugira ngo amenyeshwe ibyo aregwa aburanishwe ahari, yiregure ku byo aregwa.

Biyemeje kuva mu bukene no mu bwigunge

Abacitse ku icumu rya jenoside yakorewe Abatutsimu1994bomukarerekaGAKENKEngo biyemeje gusezerera ubukene n'ubwigunge. Ibi bigaragazwa n'uko usanga baragiye bibumbira mu mashyirahamwe agamije kwiteza imbere. Amwe muri ayo mashyirahamwe usanga ari ayinjiza amafaranga andi akaba ari ayo guhana amafaranga hagati yabo. Nkuko abo twaganiriye babyivugira ngo aya mashyirahamwe uretse kubafasha kubona amafaranga yo kwikenura atuma babona n'umwanya wo kuganira bakungurana ibitekerezo ,atuma babasha kwirinda ihungabana kandi akababera n'inzira y'ubwiyunge.

Ubuhinzi bw'inanasi ni kimwe mu kitabiriwe n'amashyirahamwe y'abacitse ku icumu yo mu Karere ka Ngororero.

Ishyirahamwe «Tuve mu bwigunge» ni ishyirahamwe ry'abacitse ku icumu bo mu murenge wa KIVURUGA mu karere ka GAKENKE. Nkuko uhagarariye iri shyirahamwe NIZEYIMANA Isac abitangaza ryavutse mu mpera z'umwaka wa2006 rikaba ryaratangiranye n'abantu 30 ubu rikaba rifite abanyamuryango 48. Ritangira buri munyamuryango yatangaga umugabane ungana n'amafaranga 300, birumvikana ko bari bafite amafaranga ibihumbi icyenda(9000f) gusa, ubwo bahise bihutira gufunguza konti muri SACCO ndetse nyuma baza no kubona inkunga y'amafaranga ibihumbi magana abiri (200.000fr) bahawe na Kaminuza ya ISAE BUSOGO ubwo muri 2006 bahise batangira umushinga wo korora intama. Ntibyagarukiye aho kuko muri 2011 baje kubona ko bagomba no gusezerera nyakatsi ku buriri ubwo nibwo batangiye gahunda yo kugurirana matora ubu bakaba bamaze kugurira abantu 17 kandi bakaba bagikomeza kugeza igihe buri munyamuryango azaba afite matora.

Amashyirahamwe ntabafasha kuva mu bukene gusa, anabakura mu bwigunge

Kugeza ubu ishyirahamwe «Tuve mu bwigunge» rifite kuri konti yaryo amafaranga ibihumbi mirongo itanu(50.000), riterana ku itariki ya 5 ya buri kwezi mu rwego rwo gukomeza kungurana ibitekerezo no kurikurikiranira hafi.

Ikibazo iri shyirahamwe rifite akaba ari icy'amikoro adahagije kuko bifuza gutera imbere bakagura ibikorwa byabo ariko bakazitirwa nuko usanga amafaranga bakuramo ahanini ari ayo kubafasha kwikenura mu miryango yabo gusa.

Mu Karere ka GAKENKE kandi mu murenge wa MATABA hari koperative yitwa Ubumwe bwa MATABA. Nkuko twabitangarijwe n'urihagarariye HABIMANA Theoneste iyi koperative ikaba igizwe n'abacitse ku icumu rya jenoside ndetse n'abireze bakemera icyaha. Yatangiranye n'abanyamuryango 38 buri munyamuryango atanga umugabane w'amafaranaga 1000 itangira ari ishyirahamwe rihinga inanasi ubu nyuma yaje gutangira umurimo wo kwenga imitobe ubu ikaba igizwe n'abanyamuryango 102.

Kugeza ubu umugabane w'umunyamuryango ukaba ari 50.000. Iyi koperative ifite ubushobozi bwo kwenga litiro 115 mu cyumweru ubu ikaba ifite kori konti yayo amafaranga agera mu bihumbi magana ane y'amanyarwanda(400.000frws).

Amwe mu mashyirahamwe y'abacitse ku icumu, abahuza n'abireze bakemera icyaha.

Icyo iyi koperative yafashije abanyamuryango bayo n'uko yabavanye mu bukene, ibavana mu bwigunge. Iyi koperative ntigizwe n'abacitse ku icumu gusa, harimo n'abireze bakemera icyaha bo mu murenge wa MATABA.Nkuko babyivugira rero ikaba yarabahinduye imyumvire ubu bakaba barateye imbere mu mitekerereze kuko bo ubwiyunge babugezeho kera ndetse ngo babwigisha n'abandi. Kugeza ubu icyo batekereza ni iterambere gusa bakamaganira kure amacakubiri bakirinda ababashuka bakubaka igihugu cyababyaye.

Ikibazo iyi koperative ihura nacyo kugeza ubu akaba ari uko idafite aho gukorera haberanye n'uruganda ndetse n'ibikoresho bikaba bidahagije akaba ariyo mpamvu itabasha kugeza umusaruro wayo ku masoko ya kure.

MUKAMUKESHA Julienne
/CNLG/GAKENKE-
NGORORERO.

Imiterere y'imva zishyinguyemo abazize jenoside zihererereye mu Karere ka Ngoma

Nyuma ya jenoside yakorewe abatutsi imirambo yari yandagaye ku misozi iribwa n'inyamaswa zitandukanye .Aba bantu(abatutsi) bagiye bashyingurwa ku buryo butandukanye kubera ikibazo cy'amikoro make kuri leta ndetse n'abantu ku giti cyabo mu gihe abo bantu bashingurwaga(ahenshi hatangiye gushyingurwa muri 1995),akaba ari nayo mpamvu yaba ari abashyinguye mu ngo (bashyinguwe n'imiryango yabo) cyangwa mu marimbi rusange ya jenoside usanga ahenshi aya marimbi atameze neza .

Akarere ka Ngoma ubu gafite amarimbi mirongo itatu n'ane(34) ya jenoside, ahantu harindwi(7) hashyinguyemo abantu bazize jenoside (mu ngo cyangwa aho zahoze) hakaba kandi imva ebyiri(2) ziri kuri paroisse ya Rukoma zirimo abapadiri babiri nabo bazize jenoside. Aka karere kakaba gashyinguyemo abatutsi bazize jenoside bagera ku bihumbi mirongirindwi na bibiri maganatandatu mirongo cyenda na batatu (72693) nkurikije abavugwa ko bashyinguye buri hantu.

G.J.C

Nyuma y'ibyatubayeho muri 94, birashoboka kwiteza imbere

Kugira icyizere cy'ejo hazaza no guharanira kubaho neza ukiteza imbere ni bimwe mu bintu by'ingenzi bifasha umuntu gusohoka mu bibazo yatewe na Jenoside.

Ayo ni amagambo ya KAREKEZI Théoneste, umwe mu bacitse ku icumu bo mu Karere ka Bugesera wabashije kwikura mu bibazo by'ingutu yari yaratewe na Jenoside akaza kwiteza imbere mu gihe gito.

Mu kiganiro twagiranye mu mpera z'ukwezi kwa mbere, imwe mu nama yagiriye bagenzi be bacitse ku icumu, ni iyo gukora cyane bagamije kwiteza imbere, kugira ngo nibabaho neza, ababishe bakanga gupfa bibagaragarire ko ntacyo bakoze.

ICYIZERE: watangira wibwira abasomyi b'ikinyamakuru ICYIZERE

K.T: amazina yanjye nitwa KAREKEZI Theoneste, mfite imyaka 51, ndubatse, mfite umugore n'abana, nkaba ntuye mu kagari ka Nyamata, umurenge wa Nyamata , mu karere ka Bugesera.

ICYIZERE: Mbere ya jenoside wari utuye he?

K.T: Mbere ya jenoside nari ntuye muri uyu murenge wa Nyamata ariko witwaga segiteri Maranyundo yo muli komine Kanzenze, superefegitura ya Kanazi.

ICYIZERE: mwatubwira muri make uko wari ubayeho mbere ya Jenoside?

K.T: nk'uko natangiye mbibabwira, mbere ya Jenoside nari ntuye muri uyu murenge aho nakoreraga ibikorwa by'ubucuruzi kuko nari mfite atelier idoda nkoresha abakozi cumi na batandatu, nkaba nari narubatse inzu nini yo kubamo,n'iyo gukoreramo.

Imirimo nakoraga yari intunze kandi yamfashaga no kwita ku bavandimwe banjye.

ICYIZERE: Iwanyu ku ivuko hari he mbere y'uko muza gukorera hano mu murenge wa Nyamata?

K.T: navukiye i Remera mu murenge wa Musenyi wo mu karere ka Bugesera.

ICYIZERE: Ni izihe nzitizi wahuraga nazo mu kazi wakoraga ko gucuruza?

K.T: Ntabwo byari byoroshye kugira icyo ugeraho uri umututsi kuko n'ubwo twageragezaga, ntitwaburaga guhura n'ingorane kuko hari igihe badufataga ngo turi ibyitso bakatujujubya. Urugero, mu 1989,1990 no muri 1992 narafashwe ndakubitwa bikomeye ku buryo n'ubu nkifite ibibazo by'ubuzima byatewe n'ubwo bugizi bwa nabi nagiriwe.

ICYIZERE: warokokeye muri uyu murenge?

K.T: yego

ICYIZERE: watubwira muri make ubuzima waciyemo mu gihe cya Jenoside?

K.T: biragoye(araceceka)

ICYIZERE: utwihanganire niba hari icyo ikibazo tubajije kiguhungabanyijeho.

K.T: Oya nta kibazo, ni uko hari byinshi mba nibutse nkongera kubitekerezaho. Simfite byinshi nabivugaho kuko buri muntu afite uko yabayeho mu gihe cya Jenoside, ariko njye icyo nababwira ni uko narashwe mu kaguru, hanyuma interahamwe ziza no kuntera icumu mu rubavu(atwereka inkovu). Kandi napfushije ababyeyi banjye n'umukobwa twari tugiye kurushingana imyiteguro y'ubukwe yararangiye. Abavandimwe banjye hafi ya bose baricwa. Murumva namwe ko umuntu arondoye ubuzima yanyuzemo mu gihe cya Jenoside ataburangiza.

ICYIZERE: Nyuma ya Jenoside, ubuzima bwari bumeze gute?

K.T: Ibintu byari bimeze nabi cyane! Imitungo yanjye yose yari yarasahuwe, inzu yanjye barayishenye ntafite aho mba, atelier yanjye nayo barayigize umuyonga (barayitwitse),amamashini yari arimo yose yaribwe hamwe n'amajyora y'imyenda. Ubuzima bwari bubi cyane ku buryo bigoye kubyiyumvisha. Sinabonaga aho nahera ngo ngire icyo nigezaho kuko nari narihebye nta bufasha na buke.

ICYIZERE: Birumvikana ko ubuzima butari bworoshye na mba. Umuntu yakwibaza uko wabigenje kugira ngo ube warageze ku bikorwa nk'ibi udafite icyo uheraho, byagenze gute?

K.T: Nari mfite udufaranga duke nari narabikije muri banki, mperaho nshinga akabutike(boutique) gacirirtse aho nacuruzaga uducogocogo nk'itabi, amavuta yo kwisiga n'inzoga. Byansabaga kubyuka mu museke kandi nkataha mu gicuku kugira ngo mbone icyo ntahana dore ko nari mfite abana b'imfubyi nasigiwe n'abavandimwe. Uko nagendaga ntera imbere niko nitabazaga banki ikampa inguzanyo, uko niko ubuzima bwagendaga buhinduka buhoro buhoro.

Ibikorwa bya Karekezi Théoneste ni urugero ko gucika ku icumu bitavuga guheranwa n'ubukene.

ICYIZERE: Iyo usubije amaso inyuma ukareba uko wari ubayeho nyuma gato ya Jenoside n'uko bimeze ubu, ubibona ute?

K.T: Biratandukanye cyane. Nkuko nababwiye, natangiriye ku busa. Ariko ubu maze kwiteza imbere ku buryo bugaragara.

ICYIZERE: gute?

K.T: Nababwiye ko natangiye ncuruza utuntu tudafashije ariko ubu nabashije gushinga iduka rinini, mfite imodoka ebyiri zimfasha mu mirimo y'ubucuruzi, nabashije kwigurira isambu ingana na hegitari icumi(10 ha) nashyizemo inka, mfite amazu y'ubucuruzi abiri; ibyobyosebitumanibeshaho kandi nkishyurira abana banjye amashuri ndetse n'impfubyi ndera nta nkomyi.

ICYIZERE: Birumvikana ko byagusabye ubwitange ngo ubashe kongera kwiyubaka, ni iyihe nama wagira abandi bacitse ku icumu bakihebye?

K.T: Ni ukugira icyizere cy'ejo hazaza kandi bagashaka uburyo bashyira hamwe imbaraga, bagakora imishinga yabateza imbere no gukora cyane kugira ngo twereke abashatse kuturimbura ko ntacyo byabamariye. Biragoye ariko birashoboka cyane kuko nanjye sinari nzi ko nabasha kugera ku bikorwa nk'ibi nyuma y'ibyambayeho. Nabo rero nibareke kwiheba kandi bakore cyane, bibuka ko akimuhana kaza imvura ihise.

ICYIZERE: turagushimiye cyane

K.T: murakoze.

Byakusanyijwe na
Valentin NDAMAGE
Umukozi wa CNLG
mu Karere ka
Kicukiro na Bugesera

Abacitse ku icumu rya Jenoside baraharanira kwivana m'ubukene no kwiteza imbere

Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yasize ingaruka nyinshi zirimo n'umubare munini w'abatishoboye . Mu rwego rero rwo kwivana mu bukene no guharanira kwiteza imbere, Abacitse ku icumu hirya no hino mu gihugu bibumbiye mu mashyirahamwe.

Twasuye rero ishyirahamwe rigizwe n'abana b'impfubyi za Jenoside bibana, mu indimi za amahanga ni Association des orphelins chefs de ménages (A.O.C.M). Iri shyirahamwe rihereereye mu Karere ka Ruhango, Umurenge wa Ruhango, Akagari ka Nyamagana, umudugudu wa Ruhango, rikaba ryaratangiye m'umwaka wa 2002.

Mu ikiganiro twakoranye n'uhagarariye ishyirahamwe yatubwiye ko aba bana bahereye ku ubushobozi buke bushoboka ariko intambwe bagezeho irashimishije nubwo hakigaragara imbogamizi zimwe na zimwe.

Ibikorwa rero bakora ni ukudoda imyenda y'ubwoko butandukanye no korora inkoko. Twamubajije uko abona ibi bikorwa bihagaze atubwira ko muri rusange abona bigenda neza kandi hari icyizere cyo kurushaho gutera imbere. Kubyerekeye ubworozi bw'inkoko, mu mezi abiri yonyine ashize iz'inkoko ziguzwe, zishobora byibuze gutera amagi 250 ku munsi kugeza ubu. Twabamenyesha ko haguzwe inkoko 400, hakaba hasigaye 397 ku inkunga batewe na Minisiteri y'ubutegetsi bw'igihugu (MINALOC) ingana na 4,786,000 y'amafaranga y'Urwanda. Kubyerekeye ubudozi bw'imyenda, yakomeje atubwira ko iki gikorwa kigenda neza dore ko mu minsi yashize Ikigo cy'igihugu gishinzwe ubuziranenge(RBS) cyabateye inkunga y'ibikoresho bitandukanye, aha twavuga nk'imashini zidoda, ibitambaro, intebe n'ibindi bitandukanye.

Ku bijyanye n'uko babona abakiriya, yatubwiye ko nk'imyenda, hari abantu ku giti cyabo baza kudodesha cyangwa se ibigo by'amashuri bibaha komande bakaba bafite n'abakiriya bahoraho babagurira amagi.

Uhagarariye AOCM abona iri shyirahamwe ryagejeje ku abanyamuryango muri rusange. Icyambere, yatubwiye ko imibereho y'abanyamuryango yahindutse ugereranije na mbere aho usanga bamwe mubataragize amahirwe yo gukomeza ishuri bigishwa kudoda ku buntu nir'ishyirahamwe bityo bikabafasha mu buzima bwabo. Yanatubwiye ko harababashije gukomeza n'amashuri asanzwe.

Ikindi ni uko hagati yabo bafasha abandi kwifasha. Yatanze urugero rwaho bunganiye bamwe mubanyamuryango guhingisha amasambu yabo akabyazwa umusaruro. Uhagarariye ishyirahamwe yakomeje kutubwira ko abadoda imyenda bahembwa hakurikijwe umusaruro wabonetse. Yatubwiye na none kandi ko bifasha abanyamuryango kuva mu bwigunge bityo bagakorera hamwe.



Hirya no hino abana b'imfubyi za Jenoside birera bagiye bubakirwa amacumbi na AOCM (Association des Orphelins chefs de ménage)

Kubirebana n'imbogamizi bahura nazo, yadutangarije ko ikibazo nyamukuru ari inguzanyo badahabwa nkuko babyifuza kubera ko nta ngwate ifatika bafite. Aha yifuje ko iri shyirahamwe(A.O.C.M) ku rwego rw'igihugu, Akarere ka Ruhango n'abandi bafatanyabikorwa bakomeza kubaba hafi nkuko basanzwe babikora.

Yashoje ashishikariza abandi bana b'impfubyi za Jenoside bibana kwibumbira mu makoperative kugira ngo bahuze imbaraga bityo babashe kwikura m'ubukene biteze n'imbere. Yakomeje ashimira Akarere ka Ruhango kadahwema kubafasha mu buryo butandukanye, ashimira na none ibigo bitandukanye ku nkunga babatera.

Ni inshingano rero za buri wese gutanga umusanzu we kugira ngo aba bana b'impfubyi za Jenoside bibana bakomeze guteraimbere, bivane m'ubukene kandi babeho neza. Tubonereho no gusaba ibigo bitandukanye gutera inkunga uko bishoboye aba bana b'U Rwanda bafite amateka yihariye kugira ngo bubafashe kwifasha no guharanira ubuzima bwiza.

MUTABAZI R. Moïse

Umukozi wa CNLG/ NYANZA-RUHANGO

Duhagurukire kurwanya abahakana n'Abapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi

Uburyo bukoreshwa mu guhakana no gupfobya jenoside yakorewe abatutsi

Mu gihe abanyarwanda bitegura kwibuka ku nshuro ya cumi n'umunani jenoside yakorewe abatutsi, abayihakana n'abayipfobya bo barakataje cyane cyane ku migabane y'i Burayi na Amerika. Icyaha cya Jenoside kigendana iteka ryose no kugihakana no kugipfobya kw'abagikoze, n'abandi basangiye iyo ngengabitekerezo, kimwe n'incuti zabo zibitewe n'impamvu zinyuranye. Abahakana n'abapfobya Jenoside baba bagamije guhindura amateka yayo kugirango bayahe isura yubakiye ku kinyoma, basibanganye ukuri bityo abagize uruhare muri icyo cyaha ndengakamere be kukiryozwa, ndetse n'inzirakarengane zagikorewe zibure uburenganzira bwabo ku butabera. ***Uburyo bukoreshwa mu guhakana no gupfobya Jenoside bwafashe isura nyinshi:***

- Hari abahakana Jenoside yakorewe Abatutsi bagatsemba bakemeza ko ntayigeze ibaho, ahubwo ko haba harabayeho gusa intambaran'ubwicanyi bukabije hagati y'amoko. Bishaka gusobanura ko amoko yaba yaricanye, ko nta bwoko bwibasiwe by'umwihariko kandi icyaha cya Jenoside aribyo gishingiyeho. Mu gihe ariko Jenoside yakorewe Abatutsi yemewekumugaragaro n'amahanga bikagaragarira cyane cyane ku cyemezo cy'Umuryango w'Abibumbye (O.N.U / U.N) cyo gushyiraho Urukiko mpanabyaha mpuzamahanga rwa Arusha kugirango abayiteguye bakanayishyira mu bikorwa bakurikiranwe, birumvikana ko kuyihakana ugatsemba ari ukwigiza nkana, nta bisobanuro ushobora kubibonera. Niyo mpamvu, abashaka guhindura ayo mateka ya Jenoside bahitamo kuyipfobya. Upfobya Jenoside ntabwo yerura ngo ayihakane, ariko akoresha uburyo bwose bushingiye ku binyoma kugirango ahindure amateka yayo bigamije gukuraho icyaha ku bayigizemo uruhare cyangwa kugabanya uburemere bwacyo.

Abapfobya Jenoside yakorewe abatutsi bakoresha uburyo bunyuranye bwuzuyemo uburiganya. Ingero:

- Hari abapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi bemeza ko haba harabayeho Jenoside ebyiri, iyakorewe Abatutsi n'iyakorewe Abahutu; byaba bisobanura ko icyo cyaha cyaba cyarasangiwe ku mpande zombi, ko nta burenganzira rero igice kimwe cyaba gifite gushinja no gukurikirana icyo cyaha abari mu kindi gice. Bamwe mu bapfobya Jenoside muri ubwo buryo bakunze no gukoresha imvugo *"Jenoside nyarwanda"*, bishatse kuvuga ko yakorewe abanyarwanda bose, ibi bigamije gupfukirana ko Abatutsi, ari bo bayikorewe.
- Hari abapfobya Jenoside bemeza ko iraswa ry'indege ya Habyarimana (wahoze ari Prezida w'u Rwanda) ari byo byaba byarabaye intandaro ya Jenoside, ko iyo itaraswa nta Jenoside yaba yarabayeho kuko nta mugambi wayo wigeze ubaho. Banemeza ko ari Abatutsi bo mu Muryango w'Inkotanyi barashe iyo ndege, bityo bakaba ari bo batumye haba Jenoside, bakaba nabo bagombye gukurikiranwaho icyo cyaha. Bamwe muri bo bakongeraho ko binagaragaza ko umugambi wo gutsemba abatutsi waba warateguwe n'Inkotanyi. Muri make, hari abatutsi baba barateguye umugambi wo kumara bene wabo. Hakaba ndetse n'abemeza ko umugambi wo "gutsemba abatutsi n'abahutu" waba warateguwe ugashyirwa no mu bikorwa n'Umuryango w'Inkotanyi, bityo abakurikiranwaho icyo cyaha imbere y'Urukiko rwa Arusha bakaba barengana.

- Hari abapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi basobanurako "Abahutu" bagombaga kwirwanaho kuko bari babifitiye uburenganzira mu gihe bari bugarijwe bikomeye n'Abatutsi. Ingero: Ngo Abatutsi, Abahima na bene wabo bandi basangiye ubwoko bo mu Karere k'ibiyaga bigari bya Afrika (cyane cyane abatuye u Rwanda, u Burundi, Uganda ndetse no mu bice bimwe bya Kongo na Tanzaniya) baba bamaranye imyaka myinshi umugambi wo kwigarurira ako karere bagamije kugategeka bagahaka andi moko ahatuye. Ngo hari amahanga - bakunze kuvuga Amerika, Ubwongereza na Israheli – yagambanye n'Umuryango w'Inkotanyi aranawushyigikira kugirango bigarurire akarere bashobore gusahura amabuye y'agaciro n'ubundi bukungu birangwa mu karere. Ngo abaturage b'abahutu baba bararakajwe naho intambara yari ibagejeje, banarakazwa n'urupfu "rw'umubyeyi wabo Habyarimana" bica Abatutsi birwanaho kuko bari ibyitso bya bene wabo, dore ko abenshi muri bo bari barohereje abana babo mu Nkotanyi.

Nkuko tumaze kubibona, uburyo bukoreshwa mu guhakana no gupfobya Jenoside yakorewe Abatutsi bushingiye ku binyoma, kujijisha n'ubundi buriganya bwose bigamije mbere na mbere gukuraho icyaha cya Jenoside ku bayiteguye bakanayishyira mu bikorwa, kugabanya uburemere bwacyo cyangwa se ndetse gusiga icyo cyaha abandi. (Biracyaza)

Ntashamaje Gérard

Kwibuka ku nshuro ya 18 Jenoside yakorewe Abatutsi

KOMISIYO Y'IBIGANIRO

A . Isobanurampamvu y'ibiganiro bizatangwa

Nk'uko byemejwe n'inama y'Abaminisitiri yo ku wa 13/01/2012, insanganyamatsiko yo kwibuka ku nshuro ya 18 Jenoside yakorewe Abatutsi iteye itya***: " Kwibuka Jenoside yakorwewe Abatutsi : Twigire ku mateka twubaka ejo hazaza."***

Iyo usesenguye iyi nsanganyamatsiko ishaka kuvuga ko hari ibintu byabaye mu mateka y'u Rwanda (byiza cyangwa bibi) mbere ya Jenoside no mu gihe cya Jenoside byatubera isomo mu guhangana n'ingaruka za Jenoside twubaka igihugu cyacu n'ejo hazaza.

Ni ukuvuga ko twareba ibyiza twari dufite tukabyubakiraho, ibibi ari nabyo byatuganishije kuri Jenoside tukabizirikana tunashaka uburyo bwo kubikemura twubaka ejo hazaza.

Nyuma ya Jenoside, Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda hari byinshi imaze gukora biganisha muri iyi nzira.

Ibi tubibonera mu nkingi enye arizo: ubutabera, ubukungu, imibereho myiza n'imiyoborere myiza. Niyo mpamvu ibiganiro byatoranyijwe mu Kwibuka ku nshuro ya 18 byagendeye ku nsanganyamatsiko no kuri ibyo bitekerezo.

B. Ibiganiro bizatangwa n'ibisobanuro

1. Amateka yaranze indangagaciro mu Rwanda mbere na nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi

Mu gutegura iki kiganiro, hazarebwa ibyaranze indangagaciro na kirazira mu Rwanda (ubutwari, ubupfura, kurwanya ubuhemu, ubunebwe,…….), mbere, mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi, na nyuma yayo n'isomo twakura mu bibi nuko twakomeza ibyiza twubaka ejo hazaza.

2. **Amateka yaranze ubutabera mbere na nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi**

Mu gutegura no gutanga iki kiganiro, hazarebwa ibitaragenze neza mu butabera mbere ya Jenoside n'uko byaganishije kuri Jenoiside n'ibyiza byaba byarakozwe n'uko byatubera isomo mu kubaka ejo hazaza hanagaragazwa ibimaze gukorwa twakomerezaho.

3. Amateka yaranze Ubukungu mu Rwanda mbere na nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Mu gutegura no gutanga iki kiganiro hazarebwa ibitaragenze neza mu bukungu n'impamvu n'uko byaganishije kuri Jenoside n'ibimaze gukorwa nyuma ya Jenoside n'uko twabikomeza twubaka ejo hazaza.

4. Amateka yaranze umutekano w'imbere mu Gihugu mbere na nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi

Mu gutegura no gutanga iki kiganiro harebwa uko umutekano w'imbere mu gihugu wari wifashe mbere no mu gihe cya Jenoside n'ibimaze gukorwa n'uko twabikomeza twubaka ejo hazaza

5. Amateka yaranze umutekano w'imbere mu gihugu no hanze yacyo mbere na nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Mu gutegura no gutanga iki kiganiro, harebwa uko umutekano w'imbere no hanze wari wifashe mbere no mu gihe cya Jenoside n'ibimaze gukorwa n'uko twabikomeza twubaka ejo hazaza.

7. Amateka yaranze imibereho y'Abanyarwanda mbere na nyuma ya Jenoside

Mu gutegura no gutanga iki kiganiro harebwa ibyaranze imibereho y'Abanyarwanda (byiza cyangwa bibi) mbere no mu gihe cya Jenoside n'ibimaze gukorwa nyuma ya Jenoside n'uko twabikomeza twubaka ejo hazaza

8. **Amateka yaranze imiyoborere mu Rwanda mbere na nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi.**

Mu gutegura no gutanga iki kiganiro, harebwa ibyaranze imiyoborere mu Rwanda (mibi cyangwa myiza) mbere ya Jenoside n'ibimaze gukorwa nyuma ya Jenoside n'uko twabikomeza twubaka ejo hazaza.

9.**Uburyo amahanga atangiye gufata ingamba zihamye zo kurwanya Jenoside yakorewe Abatutsi n'ingengabitekerezo yayo**

Mu gutegura iki kiganiro, hazerekanwa uburyo muri iyi minsi hari ubushake bw'amahanga mu kwemera ibyabaye byerekeye Jenoside yakorewe Abatutsi no kurwanya ingengabitekerezo yayo. **Urugero:** *Raporo y'abacamanza nka Fredivic na Nathalie Poux, Itegeko ry'Ubufaransa ryerekeye Jenoside, " Cas" ya Mugesera Léon, " Cas" y'Uwinkindi Jean n'ibindi. Mwatanga n'ingero zerekana uko amahanga atari afite ubushake buhagije mu kurwanya Jenoside yakorewe Abatutsi n'ingengabitekerezo yayo.*

Icyitonderwa:

Abazategura n'abazatanga ibiganiro basabwe buri gihe kubihuza n'insanganyamatsiko yo Kwibuka ku nshuro ya 18 Jenoside yakorewe Abatutsi.

Bikorewe i Kigali, tariki ya 24/01/2012.

KARENGERA Ildephonse

Perezida wa Komisiyo y'Ibiganiro

Twabasomeye igitabo kitwa “la stratégie des antilopes” cya Jean Hatsfeld

Icyo ni kimwe mu bitabo Komisiyo y’igihugu yo kurwanya Jenoside iherutse kubona byaje byiyongera ku bindi yari isanganywe mu nzu yayo y’ibitabo. Muri ibyo bitabo ibyinshi ni ibivuga kuri Jenoside muri rusange, no kuri Jenoside yakorewe Abatutsi by’umwihariko. Igitabo cya Hatsfeld cyo gituma umuntu yumva neza akangaratete Abatutsi bo mu Bugesera banyuzemo. Ubuhanga icyo gitabo cyandikanywe bugatuma ugenda ubona ibyababayeho nk’ubireba muri filime, ubwo babaga bakomerewen’abafite imipanga, bashaka kubica, abenshi bakahasiga ubuzima, ariko abandi bakarokoka.

Ubuhamya agarukaho si ubw’abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi gusa, kuko yanaganiriye n’abicanyi, ku byo bakoze, bamaze gufungurwa nyuma y’itangazo rya Perezida wa Repubulika, na nyuma yo kwirega no kwemera icyaha.

Inyito y’iki gitabo, umunyamakuru w’Umufaransa Jean Hatsfeld yayikuye mu buhamya bwinshi yegeranyije mu gihe kinini yamaze aganira n’abagabo n’abagore barokokeye Jenoside mu rufunzo rwo mu bishanga bya Nyamata, no ku musozi wa Kayumba, ugenekereje akaba ari nko kuvuga «imyitwarire y’impongo», aho umwanditsi ageranya imyitwarire y’Abatutsi bahigagwa n’iy’impongo iyo zikurikiwe n’inyamaswa y’inkazi, kuko aho kugira ngo zitatane zihungira hamwe, zikiruka ziri hamwe, kuko iyomotse ku gikumba ari yo ipfa.

Mu gitabo cye, abo Hatsfeld yaganiriye nabo abavuga amazina. Si ngombwa ko hano tuyavuga. Mu mapajiyahafiy’igitabo umwanditsi avuga uko abaturage bo mu Bugesera bakiriye Inkuru y’ifungurwa rya bamwe mu bari bafungiye icyaha cya Jenoside nyuma y’itangazo rya Perezida wa Repubulika. Akavuga ukuntu mbere y’iryo fungurwa, abagombaga kurekurwa bahawe amahugurway’ukuntu bagomba kuzitwara imbere y’abaturage bari kuzasanga barimo abacitse ku icumu rya Jenoside, bamwe bari bazi ibyabo byose, abo bishe, n’aho babiciye.

Mu ijwi ry’umwe mu barekuwe umwanditsi ati “bamwe bari barigishijwe gufasha hasi ubugome bwabo, n’abandi kureka inzika”. Umwe mu barekuwe nawe ati “tumaze kugera mu rugo twararyamye turaruhuka maze inzozi mbi z’ibyo twakoreye mu rufunzo zirisuka: amazu twatwitse, abantu twirukankanye mu rufunzo, n’amaraso twamennye”. Umwe mu barokotse ubwicanyi, Umudamu witwa C. ati” n’ubwo barekuwe se hari uwigeze atwegera ngo adusabe imbabazi”. Bamwemu barokotse baganiriye n’umwanditsi w’igitabo banyuzagamo bagashyenga bati “ariko Imana ikunda abahutu, barica ntibicwe, bahungira muri Kongo bakagarurwa mu Rwanda ku buntu”.

Ku bagarutse mu Rwanda bavuye muri Kongo, umwanditsi agaragaza umugabo umwe witwa L.T. wishe abantu benshi mu mfunzo za Bugesera, nyuma agahungira mu gihugu cya Congo, akaza gutahuka mu Rwanda nyuma y’imyaka myinshi yamaze mu Nkambi zo muri Congo.

Uwo mugabo mu gitabo « stratégie des antilopes» agaragazwa akiri mu nkambi i Masisi, agafatwa n’ibintu bimeze nko kubonekerwa cyangwa uri mu rushiko, agatangira kuvuga ibyabereye mu mfunzo za Bugesera, imipanga, imivu y’amaraso….

Nk’uko yari yarabitangiriye mu nkambi ya Masisi, (ibyo byo kuvuga ibijyanye byose n’ubwicanyi bakoze), aho atahukiye, yakomeje kuvuga akari imurore ku bwicanyi bwakorewe Abatutsi, ababigizemo uruhare nawe atiretse. Na nyuma aho afungiwe muri gereza ya Rilima ntiyahagaze.

Aho afunguriwe kubera kuvugisha ukuri no kwemera icyaha arataha. Inkiko Gacaca zitangiye, azenguruka mu nkiko hose avuga uko ubwicanyi bwagenze, ashinja atababariye ababigizemo uruhare kugeza ubwo, umugoroba umwe wo muri Nzeli 2004 arashwe n’abantu batigeze bamenyekana muri santere ya Nyamata.

Umwanditsi agaruka ku ihiga n’iyicwa ry’Abatutsi ku musozi wa Kayumba wirengeye Nyamata. Mu buhamya bamuhaye bamubwira ukuntu bagiye bihishahisha abishi, babishe kugeza ubwo ku bantu ibihumbi bitandatu byari byahahungiye harokokeye abatarenze 20.

Umwe muri abo baharokokeye ati: “Bahageraga (muri iryo shyamba rya Kayumba, mu ma saa tatu ya mugitondo, bakaduhiga kugeza mu ma saa tanu(….) bakagaruka ku gicamunsi, hakaza ibitero bito byazaga kurangiza ababaga batarashirahomo umwuka. (…) Rimwe na rimwe abari mu bitero bikubutse mu rufunzo banyuraga ku musozi wa Kayumba kongera umubare w’abo babaga bishe iyo mu gishanga”.

Umugore umwe muri bariya 20 barokokeye Kayumba agira icyo avuga ku bitero: “Bakoraga umurongo muremure, hagati y’abicanyi 1000 n’2000, bakazamuka bucece, bagera ku musozi bagatangira kuririmba, ngo badukure umutima. Ibyo byagiraga

Komeza urup18

Twabasomeye igitabo kitwa “la stratégie des antilopes” cya Jean Hatsfeld

Ibikurikira urup. 17

icyo bitanga, kuko ababaga bafite ubwoba kurusha abandi, bakizwaga n’amaguru, abicanyi bakabahomerera”. Icyakora ngo abishwe mbere y’abandi ni abagore bari bafite impinja.

Ibyo bigashimangirwa n’ubuhamya bwa E.K, Umugore wari umaze imyaka itanu ashatse yarabuze urubyaro, ubwo ubwicanyi bwatangiraga, akaba nawe yari yahungiye ku musozi wa Kayumba, nyuma yo kurokoka agira amahirwe yo kurokora n’umugabo we, n’ayo kubyarana nawe abana ba biri kandi mbere bari barabuze ibyara. Ati “amahirwe yaransekeye, andokora ishyamba rya Kayumba, ampa n’urubyaro”. Agakomeza avuga ko n’ubwo atabivuga cyane kubera kubaha abigendeye, iyo aba kumwe n’abana mu ishyamba rya Kayumba, byanze bikunze ntiyari kurokoka.

Muri iki gitabo usangamo ubuzima butandukanye bw’abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi, bivugira ibyababayeho uko babayeho umunsi ku wundi. Nk’aha umwana muto w’umukobwa w’imyaka 11 waburanye n’umuryango we muri 94, bikaba ngombwa ko akurikira imiryango y’abahungaga bajya muri Congo. Avuga ibizazane yahuye nabyo mu mashyamba ya Congo, uretse ko yaje kugira amahirwe yo gutahukana n’abandi, none akaba yararokotse.

Hatsfeld ntiyaganiriye n’uruhande rumwe gusa (abarokotse Jenoside), n’abayikoze yarabegereye; nk’aha uwitwa I.R avuga ko mu byukuri umuntu aba atazi icyo yavuga ati: ubwira umuntu ko wamwiciye ababyeyi n’uburyo wabishe bikamurakara, kandi wabica ku ruhande (abikubajije) nabwo bikamurakaza. Icyo kigashingirwa n’abarokotse benshi batanze ubuhamya, umwe ati: mu byukuri iyo tuvugana na bariya bicanyi ni ukugira ngo baduhe amakuru ku bitero, ababiguyemo, aho babatemeye n’aho babashyize,(…) si ukugira ngo tubabwire uko twarokotse”.

Kubyerekeye kuvuga ubwicanyi bwabaye muri Jenoside, abarokotse bamwe bagize icyo babivugaho. Nk’uyu E.K, agira ati: “Tugomba kubaha abapfuye, tukabaha icyari kibari ku mutima, ushobora kuvuga ibyakubayeho, ariko ntiwavuga ibyabaye ku bandi, cyane abishwe”. Naho B.M ati: “urupfu ntawe ushobora kurutangaho ubuhamya, ushobora kuvuga ko wabonye uyu cyangwa uyu mu nzarwe yambuwe ubusa(…) numva ubuhuha bw’imipanga bamutema(….) ariko ntushobora kugira icyo uvuga ku bitekerezo yari afite igihe yarebaga mu maso abari bagiye kumutema(…) abari bagiye kumufata ku ngufu(…), abapfuye bajyanye amabanga yabo, n’imibiri yabo ntibasha kuyacira amarenga.

Igitabo “stratégie des antilopes” kivuga no ku Nkiko Gacaca, uburyo butandukanye zakiriwe n’abacitse ku icumu, ingorane zabaye ho mu gutoranya inyangamugayo za Gacaca, ariko mbere kikerekana uko abafunguwe, kubw’itangazo rya Perezida wa Repubulika no ku mpamvu zo kwirega no kwemera icyaha bakiriwe mu buryo butandukanye , haba mu miryango yabo, haba mu matsinda y’abacitse ku icumu, ikigamijwe ari ubumwen’ubwiyunge. Byose bikagaragarira mu buhamya umwanditsi agenda asobekana ubuhanga.

Nko ku byerekeye inyangamugayo, umwanditsi agaragaza inyangamugayo, cyane perezida w’inteko uhata ibibazo uregwa ngo avuge abo bari kumwe mu bitero, ibibazo byamurembya agasaba Perezida w’inteko ngo nawe nabavuge bari kumwe.

Mu mpapuro z’inyuma, hagaragara inkuru y’umugabo umwe wagaragaye mu bashishikaye mu bitero byishe abatutsi bari bahungiye mu rufunzo mu bishanga bikikije Nyamata, n’iy’umukobwa wari wahungiye muri urwo rufunzo. Bakagaragara bagiye gukora ubukwe banatumiyemo n’uwanditse igitabo. Umusore w’umwicanyi warongoye umukobwa warokokeye aho yakoreye ubwicanyi akemeza ko ubucuti bwabo ari ubwa kera bakigana mu mashuri abanza, naho undi mukobwa nawe warokokeye mu rufunzo, ubazi bombi kuva na kera, we akemeza ko yamurongoye kubera ko ubwo bicaga abantu yamukuye mu rufuzo akamushyira ahantu h’ibanga aho yamusangaga yaramugize umugore we.

Igitabo ntikigaragaza ahoukurikuri. Ahubwo kigaragaza uburyo babanye umuryango w’umuhungu utabishaka, n’abandi basigaye ku ruhande rw’umukobwa batabikozwa.

Hirya y’ubuhamya “stratégie des antilopes” ishyira mu nyandiko, iki gitabo kigaragaza ko nyuma y’ubwicanyi ndengakamere bwa Jenoside, ibitekerezo n’imitima y’abantu itinda kujya mu gitereko, ubuzima n’imitekerereze y’abantu, abayikorewe cyane cyane, ariko n’abayikoze bigatinda kujya ku murongo.

Byahinnwe na Antoine Rwagahirima.

Soma ku rup 19 urutonde rw’ibitabo bishya Isomero rya CNLG ryakungukiye.

Abana b'imfubyi (za jenoside) bo mu murenge wa Rukumberi barishimira ko bafite ubuyobozi bubazirikana

Ku italiki ya 6 Mutarama 2012 Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yerekeje mu murenge wa Rukumberi kugira ngo yifatanye n'imfubyi za Jenoside mu gusoza umwaka ndetse no gutangira undi.

Iki gikorwa cyateguwe mu rwego rwo kugira ngo abana bumve ko batari bonyine, bafite ababyeyi babatekereza kandi biteguye kubaha inama izo arizo zose babakeneraho ndetse n'ubundi bufasha.

Abana ntibazongera kubura ubabaza indangamanota

Iki gikorwa kandi ngo kizakomeza buri mwaka. Inama Njyanama izajya ireba umurenge ijyamo gusangira n'imfubyi zaho kandi n'ikibazo aba bana bari bafite cyo kutagira ubabaza indangamanota zabo nacyo izagikemura kuko izajya yohereza abantu bo kuzirebaho bakanabagira inama bakurikije uko iyo ndangamanota babonye imeze.

Havuzwe amagambo atandukanye yo kwifurizanya umwaka mushya no kwishimira ko urangiye wagenze neza.Hatanzwe inama n'impanuro ku bana biga ndetse n'abatiga.

Abana bashimishijwe cyane no kuba barasangiye nabo bitaga abayobozi babo ariko bitewe n'ubumuntu babagaragarije byagaragaye ko atari abayobozi ahubwo ari ababyeyi babo.

Ubu busabane bwaranzwe n'ibyishimo byinshi byagaragariraga mu mbyino zitandukanye, hanatanzwe impano ya matola(matelas) mirongo ine.

Uru ni urugero rwiza twahawe n'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma. Igikorwa cyiza nk'iki icy'Inama Njyanama, ibigo bitandukanye (ibya Leta cyangwa ibyigenga) bikorera muri Ngoma bikwiye kukigira icyabyo, kuko bariya bana ni abacu twese.

Umuntu atanga uko ari, kandi na bariya bana nabashije kuganira nabo bambwira ko icyo bakeneye mbere na mbere atari ibintu ahubwo ari abantu.N'ahandi kandi ibikorwa nk'ibi byakagombye kwiyongera, ni umuco ukwiye gukomeza.

Ubu busabane hagati y'abanan'ababyeyibuvamo imbaraga nyinshi kuko buri mwana yumva igihe nk'icyo ashaka kuzicara abwira ababyeyi n'abavandimwe ibyiza byinshi yagezeho.

Jeanne Claudine Gasengayire

Ibitabo bishya isomero rya CNLG ryungutse

Umwanditsi	Inyito y'igitabo
Jean Harzfeld	La stratégie des antilopes
Daniela Kroslak	The role of France in the Rwandan Genocide
Annick Kayitesi	Nous Existons encore
John Burnett	Where soldiers Fear to tread
Boubacar Boris Diop	Murambi The book of bones
Tharcisse Gatwa	The churches and Ethnic Ideology in the Rwandan Crises 1900-1994
Jasques Castonguay	Les casques bleus au Rwanda
Shaharyar M. Khan Mary Robinson	The Shallow Graves of Rwanda
Edourd Kabagema	Carnage d'une Nation
Robert E.Gribbin	In the Aftermath of Genocide /The U.S role in Rwanda
Jean pierre Chretien	Rwanda Les médias du Génocide
DOCKER John	The origins of violence: Region, history and genocide
KYEMBA Henry	The Inside story of IDI AMIN; A state of Blood
TOTTEN Samuel	We cannot forget:survivors of 1994 genocide in Rwanda
SEHENE Benjamin	Le piège ethnique
UKELO Catherine	Les prémices du génocide Rwandais:
Catalina SAGARRA Martin	Le génocide des Tutsi Rwanda, 1994 : Lectures et Ecritures
CHAVAROCHE Claire	Terre des veuves : journal du Rwanda
SIBOMANA Andre	Gardons espoir pour le Rwanda
COMBRES Elisabeth	Broken Memory
Mary Weeks Millard	After genocide: there is hope
Reverien RURANGWA	Genocide: my stolen Rwanda
Ben KIERNAN	Blood and Soil: A World History of Genocide and Extermination from sparta to Darfur
Phil CLARK	The Gacaca Courts, post genocide justice and reconciliation in Rwanda: justice without Lowyers
Sven LINDOVIST	Exterminez toutes ces Brutes!
Ephrem INGANJI	Une jeunesse perdue dans un abattoirs d'hommes: Rwanda, un vayage dans un pays ensanglanté
Sven LINDOVIST	Exterminate all the Brutes
Association Survie	La Complicité de la France dans le genocide des Tutsi au Rwanda
Jered COHEN	One hundred Days of SILENCE: America and the Rwanda genocide
Scholastique MUKANSONGA	Inyenzi ou les Cafards
Duhozanye/save	Les Temoignages des veuves de saves regroupant dans l'association"Duhozanye"

Ikigo cyo gukemura amakimbirane cya Kaminuza y'uRwanda cyatanze dipolome ya « masters » bwambere.

Ku ifoto, bamwe mu barangije icyiciro cya "Masters" mu ishami ry'ubumenyi kuri Jenoside: Uhereye ibumoso, Hon.Mucyo Jean de Dieu S.E/CNLG, Bwana Karorero Joseph na Mukamazimpaka Hiralie .

Ku itariki ya 27 Mutarama, Kaminuza y'u Rwanda yakoze umuhango wo kwambika abanyeshuri bari barangije mu cyiciro cya « licence, bachelor degree », na « maîtrise-masters ». Uwo muhango wagaragayemo n'abarangije icyiciro cya masters mu bumenyi bujyanye na Jenoside(genocide studies), mu kigo cyo gukemura amakimbirane(center of conflict management) gikorera mu mazu ya Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside.

Ikigo cyo gucyemura amakimbirane, ni ikigo cya Kaminuza y'uRwanda cyatangiye mu mwaka w'1999. Gifite amashami abiri, ishami ry'ubumenyi kuri Jenoside, n'ishami ry'amahoro no gucyemura amakimbirane.

Mu bambaye uwo munsi barangije mu kigo cyo gucyemura amakimbirane, harimo Hon. Mucyo Jean de Dieu, Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside na Maître Mukamazimpaka Hilarie, Komiseri muri Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside.

Ku banyeshuri 28 biga mu ishami ry'ubumenyi mu byerekeye Jenoside(genocide studies), 14 ni bo bonyine bari barabashije kwandika no kugaragariza inteko y'abarimu ibikubiye mu bitabo banditse(soutenance). Abambaye bakaba bari muri abo 14.

Icyakora Kugeza mu mpera za Mutarama 2012, abiga mu ishami ry'amahoro no gukemura amakimbirane (peace and conflict management), bari batararangiza amasomo, ku buryo bo batagaragaye muri uriya muhango wo kwambara.

Umuntu yakwishimira ko hatangiye kugenda haboneka abantu bafite ubumenyi buhanitse mu byerekeranye na Jenoside, bityo amashuri y'ingeri zoze mu Rwanda akaba ejo atazabura abarimu. Ibyo bikaba ari intwaro ikomeye mu kurwanya Jenoside no kuyikumira cyane cyane mu babyiruka.

A.R

CNLG: Inama mpuzamahanga itegerejwe mu kwezi kwa Kane izibanda ku bijyanye na Jenoside bitari byasesengurwa.

Ibi byemerejwe mu nama y'abagize akanama k'impuguke(scientific committee), gatekereza ku mirongo ngenderwaho ku bakora ubushakashatsi kuri Jenoside, yabereye ku cyicaro cya Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside tariki ya 4 Mutarama 2012.

Iyo nama yayobowe na Dr Bideri Diogène, umuyobozi w'agateganyo w'ikigo cy'ububiko shakiro n'ubushakashatsi kuri Jenoside, yahuje abagize kariya kanama, Prof Faustin Rutembesa, Prof Paul Rutayisire, Prof Jean Pierre Dusingizemungu, Prof Evariste Ntakirutimana, Dr Rose Gasibirege, Dr Isaie Nzeyimana, Mr. Serge Kamuhinda na Bwana Ernest Mutwarasibo

Abari mu nama baganiriye ku kuntu inama mpuzamahanga kuri Jenoside izaba ku matariki 5 na 6 Mata 2012, mu rwego rwo kwibuka ku nshuro ya 18 Jenoside yakorewe Abatutsi yarushaho gutegurwa neza.

Hemejwe muri iyo nama ko ibiganiro byatangwa byakwibanda ku:

- **Isano riri hagati y'ibikorwa by'ubwicanyi byabanjirije Jenoside na Jenoside ubwayo yakorewe Abatutsi.**
- **Gusuzuma ibyanditswe kuri Jenoside, n'icyo bivuga ku bazize iyo Jenoside.**
- **Gusuzuma ibijyanye n'ubutabera bwa nyuma ya Jenoside: Ni uruhe rwego ruzakomeza nyuma y'ifungwa ry'Inkiko Gacaca n'urukiko mpuzamahanga mpanabyaha rwashyiriweho uRwanda(TPIR).**
- **Ni iki kizakorwa nyuma y'ifungwa ry'inkiko Gacaca.**

Twakwibutsa ko izi nama mpuzamahanga kuri Jenoside kuva zitangiye zafashije abantu kumva uburemere bw'icyaha cya Jenoside no kuyisobanukirwa kurushaho.

A.R